

AMABARUWA KU BASORE BAKUNDANA



ELLEN G. WHITE

AMASHAKIRO

Ijambo ry'Ibanze	4
Ndagukunda.....	5
Inama zivuye muri Bibiliya.....	5
Inama zivuye mu nyandiko za Ellen G. White	6
UMUGABANE WA 1: GUSHYINGIRANWA—UMUSOGONGERO W'IJURU.....	7
Umusogongero w'Ijuru	8
Reka Igihe Cy'irambagiza Kirambe Kugera Mu Gushyingirwa Kwawe	9
“Uwiteka Iyo Atari we Wubaka Inzu.” Zaburi 127:1	9
Gushyingiranwa Bimeze nk'Urukundo Kristo akunda ubwoko Bwe Yatoranyije	12
Imibereho y'Abashyingiranywe Igenda Irushaho Kuba Myiza	12
UMUGABANE WA 2: GUSHAKA UWO MUZABANA UKWIRIYE.....	14
Jya ushyira mu bikorwa ibyo wiga	14
Icyo Umusore Akwiriye Kwitaho Ku Mugore Azashaka	15
Ibibazo Umukobwa Akwiriye Kubaza Mbere Yo Gushyingirwa.....	18
UMUGABANE WA 3: MBESE KOKO NI URUKUNDO?	21
Mbese rwaba ari urukundo nyakuri?	21
Urukundo Ni Ikimera Cyuje Ubwuzu.....	22
Imbaraga z'urukundo.....	22
Igihe urukundo ruba impumyi.....	23
UMUGABANE WA 4: MBESE URASHAKA UBUFASHA?	28
Mbese nahisemo neza?	28
Ababyeyi bashobora kubafasha.....	34
Ntukabigire ibanga.....	37
UMUGABANE WA 5: KWITEGEKA	38
Imbaraga iri muri Kristo ni yo ihesha kwitegeka.....	38
Mbere yuko uvuga uti: “Ndabyemeye”	38
Amasezerano Yishwe	39
Ntugatwarwe n'Imigirire y'Ab'Isi	45

Amashusho y’Urukuzasoni [Poronogarafi] n’Intekerezo Zawe	45
UMUGABANE WA 6 : INSHINGANO KU BIREBANA N’IMYITWARIRE	
NDANGAGITSINA.....	47
Inshingano Abasore b’Abakristo Bafite Ku Byerekeye Imyitwarire	
Ndangagitsina	47
Gukinisha imitima.....	57
Igicucu hejuru y’icyari.....	60
Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?	60
Mbese Uzashyira mu Kaga Urushako Rwawe?.....	68

Ijambo ry'Ibanze

Mbese waba warigeze wibaza uko byaba bimeze uramutase wakiriye ibaruwa iturutse ku muhanuzi? Mbese wagira ishyushyu ryo gufungura ibahasha maze ugasoma ibiri muri iyo baruwa?

Muri iki gitabo cyose, harimo amabaruwa yanditswe ahumetswe n'Imana maze yandikirwa abasore kugira ngo abafashe gukora amahitamo meza ku byerekeranye no kurambagiza no gushyingiranwa.

Hari ibigize amateka amwe n'amwe ajyanye n'ibihe ndetse n'abantu babinyuzemo byashyizwemo n'abakusanyije inyandiko. Ibyo bigaragara ku rupapuro rubanziriza buri baruwa. Amabaruwa amwe n'amwe maremare yagiye agabanywa nta bimenyetso byo gusiba byagaragajwe; amazina yarahinduwe. Inama z'inyongera, zimwe zagiye zikurwa mu mabaruwa, nazo zagiye zishyirwa mu bice bitandukanye by'iki gitabo.

Nta gihe na kimwe mu buzima inama nziza ikwiriye iba ari ingenzi cyane, kuruta igihe umusore n'inkumi [uko ari babiri] baba barimo batekereza ku gushyingiranwa. Kuko Uwitaka agukunda kandi akaba ashaka ko wazagira ubugingo buhoraho n'urugo rurangwamo umunezero, birashoboka ko ahari gusoma imwe muri aya mabaruwa byazagufasha kuronka ibyo byombi.

Turakurarikira "gufungura ibahasha" maze ugasoma ibyo Uwitaka yabwiye abandi bameze nkawe.

Ellen G. White Estate

Washington, DC, 2001

Ndagukunda

“Ndagukunda!” Mbega ukuntu ayo magambo y’abasore babiri yihariye! Nyamara birushaho kuba byiza cyane igihe tuyabwiwe n’Umukiza wacu wifuza ko twishima kandi tukabonera umunezero mu mushyikirano tugirana nawe.

Kristo yagereranyije urukundo akunda itorero n’urukundo rw’umugabo n’umugore. Ibyanditswe byera bikubiyemo inkuru z’urukundo rurangwa n’ubwuzu, urugero nk’urwa Yakobo na Rasheli, hamwe n’inkuru ikora ku mutima ivuga ibya Rusi w’Umumowabukazi, wabaye umwe mu bagize igisekuru cya Mesiya binyuze mu gushyingiranwa na Bowazi.

Data wa twese wo mu ijuru yita cyane ku mibereho yacu y’urukundo. Binyuze mu nyandiko zahumetswe z’Ibyanditswe Byera n’iza Ellen G. White, Imana yahaye inama abasore ku byerekeranye no gushaka umunezero kwabo.

Inama zivuye muri Bibiliya

“Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b’Imana kandi ni ko turi.” 1Yohana 3:1.

“Ariko jyweho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo, ndetse ngo zibone bwinshi.” Yohana 10:10.

“Ibyo mbibabwiriye kugira ngo umunezero wanjye ube muri mwe, kandi n’umunezero wanyu ube wuzuye.” Yohana 15:11.

“Kuko ubakoraho aba akoze ku mboni y’ijisho rye.” Zekariya 2:8.

“Uru rukundo ndi kuvuga rurihangana—rureba kure cyane rukareba imyubakirwe yarwo. Ntabwo rushingira ku bintu: ntabwo runanirwa gutera [abandi] umwete, cyanagwa ngo rwishimire ibitekerezo byagutse byo kwishakira ibyarwo gusa.

“Urukundo rufite kugira neza kandi ntabwo rukurikira inzira yo kwishakira ibyarwo byo kwikunda. Ntabwo ruhutiraho. Ntirukomeza gutekereza ikibi cyangwa ngo rwishimire gukiranirwa kw’abandi bantu. Ikinyuranye n’ibyo ahubwo rwishimana n’abantu bose beza iyo ukuri gutsinze.

“Urukundo ntirugira umupaka mu kwihangana kwarwo, ntirugira aho rugarukira mu kwiringira, ntirugajuka mu kwizera, rushobora gukomeza kubaho kurenza ikindi kintu icyo ari cyose. Urukundo ni rwo mu by’ukuri ruzakomeza gushikama mu gihe ibindi byose bizaba byaguye.” (1Abakorinto 13:4–8.)

“Uwiteka yambonekeye kera ati “Ni ukuri nagukunze urukundo ruhoraho, ni cyo cyatumye ngukuruza ineza nka kwiyegereza.” (Yeremiya 31:3.)

“Kuko menye neza yuko naho rwaba urupfu cyangwa ubugingo, cyangwa abamarayika cyangwa abategeka, cyangwa ibiriho cyangwa ibizaba, cyangwa abafite ubushobozi, cyangwa uburebure bw’igihagararo, cyangwa uburebure bw’ikijyepfo, cyangwa ikindi cyaremwe cyose, bitazabasha kudutandukanya n’urukundo rw’Imana ruri muri Kristo Yesu Umwami wacu.” (Abaroma 8:38-39.)

Inama zivuye mu nyandiko za Ellen G. White

“Nkwandikiye kubera ko nkunda ubugingo bwawe.”—Ibaruwa ya 51, 1889.

“Basore nkunda, nifuzza kuvugana namwe mu buryo butajenjetse, kubera ko nifuzza ko mukizwa.” —Message to Young People, p.140.

“Muvandimwe wanjye nkunda, nkwandikiye mbitewe n’uko nkunda ubugingo bwawe.” —Ibaruwa ya 51, 1894.

“Ntabwo ibyawe mbifata nk’ibidafite igaruriro; iyaba ari ko mbifata, ikaramu yanjye ntiyakabaye iri kwandika iyi mirongo.”—Ibihamya by’Ibyorero, vol 2, p.562.

“Jya wemera gucyahwa nk’aho biturutse ku Mana, wemere uguhugurwa n’inama uhabwa mu rukundo”. —Ibaruwa ya 30, 1875.

“Ubukene bwawe, umunezero wawe, imibabaro yawe, amaganya yawe, ndetse n’ibiguteye ubwoba, byose ubishyire imbere y’Imana yawe. Ntushobora kuyiremereza cyangwa kuyinaniza. Ibara umusatsi wo ku mutwe wawe, ntiyirengagiza ubukene bw’abana bayo. “Uwiteka ni umunyembabazi nyinshi n’impuhwe.” Yakobo 5:11. Umutima we w’urukundo ubabazwa n’agahinda kacu ndetse yemwe no kuvuga iby’umubabaro wacu. Umushyire ibikubabaza byose biguharika umutima. Nta kintu na kimwe kiremereye cyane ku buryo atasha kucyikorera, kuko aramira amasi, ni we utegeka ibibera mu isanzure byose. Nta kintu na kimwe mu buryo ubwo ari bwo bwose gishobora kuduhesha amahoro nubwo cyaba ari gito cyane ashobora kwirengagiza;. Nta gice na kimwe cyo mu nararibonye yo mu mibereho yacu cy’ijimye cyane [Uwiteka] adashoboera gusoma; kandi nta ngorane zikomeye cyane Uwiteka adashobora kudukuramo. Nta cyago gishobora kugwirira uworoheje hanyuma y’abandi mu bana be, nta gahinda kamushengura umutima, nta munezero yishimira, nta sengesho riva mu kanwa ke, Data wo mu ijuru aba atabonye, cyangwa ngo abure kubwitaho uwo mwanya. “Akiza abafite imitima imenetse, apfuka inguma z’imibabaro yabo.” Zaburi 147:3. Isano iri hagat’ ya buri muntu n’Imana, irihariye kandi iruzuye; ni nk’aho mu isi yose nta wundi muntu uyirihho isaranganya ukubitaho kwayo, cyangwa ngo habe hari undi muntu Imana yatangiye Umwana wayo ukundwa.” —Kugana Yesu, p.100.

UMUGABANE WA 1: GUSHYINGIRANWA— UMUSOGONGERO W'IJURU

Urukundo ruba hagati y'incuti nyakuri n'urukundo ruhuza umutima w'umugabo n'umugore, ni umusogongero w'ijuru.

Imana yateganyije ko hagomba kubaho urukundo ruboneye ndetse n'ubwumvikane butunganye hagati y'abantu binjira mu isano yo gushyingiranwa.

Reka umugeni n'umukwe mu gihe bari imbere y'amaso y'abo mu isanzure ry'ijuru basezerane ko bazakundana nk'uko Imana yagennye ko bakwiriye kubigenza.” — In Heavenly Places, p.202.

Umusogongerero w'Ijuru

Umuntu ntiyaremewe kuba mu bwigunge; yagombaga kuba ikiremwa gisabana. Iyo atagira umufasha, ibyiza byari bimukikije n'imirimo ishimishije yagombaga gukorera ubusitani bwa Edeni ntibyari kubasha kumuha umunezero uzira amakemwa. Ndetse n'umushyikirano we n'abamarayika ntiwajyaga gushobora guhaza icyifuzo cyo kubona uwo bagirirana impuhwe kandi ngo bafatanye nka mugenzi we. Nta wasaga na we wari uhari ngo bagaragarizanye urukundo bakundane.

Imana ubwayo ni yo yahaye Adamu umufasha. Yamuhaye “umufasha umukwiriye,” —umufasha umeze nka we—wari uhuje rwose n'ugomba kumubera umufasha, kandi washoboraga kuba umwe na we mu rukundo no kwifatanya na we. Eva yaremwe akuwe mu rubavu ruvuye muri Adamu; bisobanura ko atagombaga gutegeka umugabo ngo abe umutwe w'urugo, cyangwa ngo akandagirirwe munsu y'ibirenge nk'insuzugurwa, ahubwo yagombaga kumuba iruhande nk'uwo bangana, ugomba gukundwa kandi akarindwa n'umugabo we. Yari umwe n'Adamu, igufwa ryo mu magufwa ye, akara ko mu mara ye, mbese yari Adamu w'undi, byerekana ubumwe n'urukundo by'isano ya bugufi yo gufatanywa yagomba kuboneka muri uyu mubano. “Kuko ari nta muntu wakwanga umubiri we, ahubwo yawugaburira, akawukuyakuya.” Abefeso 5:29. Ni cyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe.” Itangiriro 2:24.

Imana yizihije ubukwe bwa mbere. Bityo rero, uwo muhango watangijwe n'Umuremyi w'ijuru n'isi. “Gushyingiranwa kubahwe n'abantu bose.” (Abaheburayo 13:4); ni imwe mu mpano z'ikubitoro Imana yahaye umuntu, kandi ni umwe mu mihango ibiri Adamu yakuye muri Paradizo nyuma yo kugwa mu cyaha. Igihe amahame mvajuru yitaweho kandi akubahirizwa muri iyi sano, gushyingiranwa biba umugisha; birinda ukwera n'umunezero by'abantu, bigaha umuntu ibyo akeneye mu buzima bwo gusabana, bikazamura imikurire y'umubiri, iy'ubwenge ndetse na kamere y'iby'imico mbonera..

Ubwo Umuremyi yahuzaga ikiganza cya Adamu n'icya Eva bataracumura bagahuzwa n'umurunga wo gushyingiranwa, maze Umuremyi akavuga ati: “Nicyo gituma umuntu azasiga se na nyina, akabana n'umugore we akaramata, bombi bakaba umubiri umwe” (Itangiriro 2:24), yari atangaje mu buryo bweruye ko itegeko ryo gushyingirwa rireba bene Adamu bose.

Ibyo Data wa twese uhoraho ubwe yivugiye ko ari byiza byari itegeko rihesha umuntu gutera imbere n'umugisha uhebuje.

Reka Igihe Cy'irambagiza Kirambe Kugera Mu Gushyingirwa Kwawe

Nta jambo na rimwe rikwiriye kuvugwa, nta gikorwa na kimwe gikwiriye gukorwa, niba utifuza ko abamarayika bicyitegereza kandi bakacyandika mu bitabo byo mu ijuru. Ukwiriye guhanga amaso ku ikuzo ry'Imana gusa. Umutima wawe ukwiriye kugira urukundo ruboneye kandi rwejeje gusa, urukundo rukwiriye kuranga abayoboke ba Yesu Kristo, rwubashywe muri kamere yarwo, rurangamiye iby'ijuru cyane kurenza iby'isi. Ikindi kintu cyose gihabanye n'ibi cyagenderwaho mu irambagiza kiba ari cyo kwangiza no gutesha agaciro; kandi no gushyingiranwa ntigushobora kuba ukwera kandi ngo kubahwe imbere y'amaso y'Imana yera kandi itunganye, keretse gusa igihe gukozwe mu buryo bukurikije amahame y'Ibyanditswe Byera.

Nimureke amwe mu masaha mumarana yo mu irambagiza mbere yo gushyingirwa azakomereze mu mibereho ya nyuma yo gushyingiranwa.

“Uwiteka Iyo Atari we Wubaka Inzu.” Zaburi 127:1

Abatekereza ku gushyingiranwa bakwiriye kuzirikana uko bifuzwa ko urugo benda gushinga ruzaba ruteye ndetse n'imbaraga ihindura ibanadi ruzagira. Nibahinduka ababyeyi, bazaba bagiriwe icyizeze cyera. Kuri bo ni ho hazaturuka urugero rukomeye rw'imibereho y'abana babo muri iyi si, ndetse n'umunezero wabo mu isi izaza. Ku rugero runini cyane [ababyeyi] ni bo bagena ikimenyetso cy'ingeso z'umubiri n'iz'imico mbonera abana bazaba bafite. Kandi imico igaragara mu rugo ni yo yerekana uko rubanda ruzamera, uburemere bw'imbaraga ihindura abandi ya buri muryango ni bwo buzatuma umunzani ujya hejuru cyangwa hasi.

Guhitamo umufasha muzabana iteka gukwiriye kuba ukuzana imibereho myiza y'umubiri, iy' ubwenge, n'iy'ibyumwuka ku babyeyi no ku bana babo— [amahitamao] azabashisha ababyeyi n'abana guhesha umugisha bagenzi babo no kubaha Umuremyi wabo.

Yesu ntiyatangiye umurimo we mu gukora ibitangaza bikomeye imbere y'abagize Urukiko Rukuru rw'Abayuda i Yerusalemu. Mu iteraniro ryari mu rugo rwo mu mudugudu muto w'i Galilaya hakoreshejwe imbaraga ye, kugira ngo yongere ibyishimo mu birori by'ubukwe. Muri ubwo buryo yagaragarije abantu ko abafitiye impuhwe, kandi ko icyifuzo cye ari uko bagira umunezero.

Uwatanze Eva ngo abe umufasha wa Adamu, ni we wakoze igitangaza cya mbere mu birori by'ubukwe. Mu nzu y'ibirori aho incuti n'abagize umuryango bari bishimiye hamwe ni ho Kristo yatangiye umurimo we muri rubanda. Ni muri

ubwo buryo yashimangiye ubukwe, abuzirikana nk'umuhanago we ubwe yari yarashyizeho.

Abagabo n'abagore bashobora kunezerwa gusa ari uko bari kumwe na Yesu. Amazi asanzwe yose y'ubuzima Kristo ashobora kuyandiuramo umutobe wo mu juru. Hatangira urugo maze rugahinduka nka Edeni y'umunezero; maze hakaba umuryango, w'icyitegererezo cyiza cy'umuryango w'abo mu ijuru.

Edson yari uwa kabiri mu bahungu bane ba Ellen White. Ku bwo guhora mu ingendo nyinshi cyane hamwe n'izindi nshingano yabaga afite mu mibereho ye yabaga yuzuye guhugirana, [Ellen G. White] yabaga kure y'abana be. Amabaruwa menshi yakusanyijwe yajyaga abandikira yarabitswe. Ibaruwa ikurikira yandikiwe Edson na Emma mu mwaka w'i 1870 nyuma gato y'ubukwe bwabo, kandi igaragaza ibyiringiro by'umubyeyi n'amasengesho ye ku bw'urwo rugo rwari ruherutswe gushingwa. Iyi nama igaragaza umubyeyi wuje urukundo wita ku mwana we, ariko ikaba ikubiyemo n'urugero rw'ibyamubayeho igihe yahabwaga ubutumwa buturutse k'Uwiteka binyuze mu iyerekwa.

Ahabereye amateraniro makuru muri Clyde, Ohio

Nzeri, 1870

Bakundwa Edson na Emma,

Mwebwe, bana banjye, buri wese muri mwe yahaye undi umutima we, mwifatanyirize hamwe muyihe Imana yose uko yakabaye mutizigamye. Mu mibereho y'urushako rwanyu, mushake uko muzamurana. Mugaragarize amahame ahanitse kandi azamura yo kwizera kwanyu kwera mu biganiri byanyu bya buri munsu n'ibyo munyuramo bikomeye mu mibereho yanyu byo mu ibanga. Igihe cyose mujye mwita ku byiyumvo bya buri wese kandi mubigirane impuhwe. Ntimukemere kubwirana amagambo y'urukozasoni, yo gusebanya no kunyega. Ibyo bintu ni akaga cayane. Birakomeretsa. Igikomere gishobora guhishwa, nyamara icyo gikomere kigumaho maze amahoro agakendera n'umunezero ukajya mu kaga.

Mwana wanjye, wirinde, kandi ntukagaragaze mu buryo ubwo ari bwo bwose ko ufite imyifatire igaragaza umwuka wo gukoresha igitugu no gushaka kuba ari wowe uganza. Bizagusaba kubanza kujya ugenzura amagambo yawe mbere yo kuvuga. Ibyo ni byo byororoshye kuruta kwivuguruza cyangwa guhanagura ingaruka zatewe [n'amagabo] nyuma yo kuyavuga. Buri gihe ujye uvugana ubugwaneza. Ujye uringaniza imisohokere y'ijwi ryawe. Mu maso hawe no mu ijwi ryawe ujye ugaragaza gusa urukundo, ubugwaneza no kwiyoroshya. Haranira gukora umurimo wo gutambutsa imirasire y'umucyo w'izuba, ariko ntuzigere usiga igicu. Emma azakubera ibyo wifuzaga byose nuba uri maso maze ntumuhe impamvu yo kumva afite agahinda, guhangayika no gushidikanya

urukundo rwawe nyakuri. Mwebwe ubwanyu ni mwe mushobora gutuma mugira umunezero cyangwa mukawubura. Mushobora kuba abanyakuri, abantu b'icyubahiro, bashyizwe hejuru, kandi buri wese agatunganyiriza inzira y'ubuzima mugenzi we binyuze mu gushaka guhuza imibereho yanyu n'iby'ijambo ry'Imana rivuga.

Mujye mugandukirana. Edson, rimwe na rimwe ujye ureka imyanzuro yawe. Ntukabe mudakurwa ku ijambo, kabone n'iyu waba ubona ko ibyaweho ari byo biri mu kuri. Ugomba kuba umuntu uganduka, wihangana, urangwa n'ineza, ugira umutima w'urukundo, impuhwe, ikinyabupfura, buri gihe ujye urangwa n'ibintu byoroheje byo mu buzima, ibikorwa birangwa n'ubugwaneza, amagambo y'ineza, anejeje kandi atera umwete. Kandi bana banjye nkunda, imigisha mvajuru ihebuje ibe kuri mwe mwembi, ni ryo sengesho rya mama wanyu.

Umubyeyi wanyu.

Ibaruwa ya 24, 1870

Gushyingirwa Bimeze nk’Urukundo Kristo akunda ubwoko Bwe Yatoranyije

Mu isezerano rya kera n’isezerano rishya, isano yo gushyingirwa irakoreshwa kugira ngo igereranye ubumwe bw’urukundo kandi bwera buri hagati ya Kristo n’ubwoko bwe, abo yaguze ku kiguzi [cy’urupfu] rw’i Kaluvari.

Aravuga ati: “Witinya”, “Kuko Umuremyi wawe ari we mugabo wawe, Uwituka Nyiringabo ni ryo zina rye, Uwera wa Isirayeli.” “Nimugaruke bana basubiye inyuma mwe. Ni ko Uwituka avuga. Kuko mbabereye umugabo”. Yesaya 54:4,5; Yerehiya 3:14. Mu “ndirimo ya Salomo” twumva ijwi ry’umugeni rigira riti: “Umukunzi wanjye ni uwanjye ubwanjye nanjye ndi uwe.” Kandi Ubereye umugeni “inyamibwa iruta abantu inzovu” abwira abo yatoranyije ati: “Uri mwiza bihebuje mukunzi wanjye, nta nenge ufite.” Indirimo ya Salomo 2:16; 5:10; 4:7.

Imibereho y’Abashyingiranywe Igenda Irushaho Kuba Myiza

Abagabo n’abagore bashobora kugera ku rugero Imana ibifuriza nibaramuka bafashe Kristo nk’umufasha wabo. Ibyo ubwenge bw’umuntu budashobora gukora, ubuntu bw’Imana buzabishobora abantu bayiyegurira bayiringiye kubera ko bayikunda. Ubugira neza bwayo bushobora guhuriza imitima mu mirunga ikomoka mu ijuru. Urukundo ntiruzaba gupfa kubwirana amagambo yoroheje kandi y’amareshyamugeni ashyesheya. Imashini y’umudozi wo mu ijuru idoda ikoresheje ubwoya n’ubudodo bwatunganijwe neza, ariko bukarushaho gukomera kurenza ubudodeshwa imashini zo ku isi. Umwambaro uvamo ntabwo ari umwenda usanzwe woroheje ahubwo ni umwenda udasaza kandi uzihanganira igeragezwa. Imitima izomatanyirizwa mu murunga w’izahabu w’urukundo ruhoraho.

Gukunda abandi nk’uko Kristo yadukunze bisobanuye kugaragaza umwuka wo kutikanyiza mu bihe byose n’ahantu hose, binyuze mu kurangwa n’amagambo meza n’indoro ikeye irangwamo umunezero. Ibyo nta kiguzi bisaba ababitanga; ariko bisiga inyuma impumuro nziza igose umutima. Nta wabasha gupima umusaruro uba uzabivamo. Ntabwo bibera umugisha gusa umuntu ubihabwa, ahubwo binabera umugisha ubitanga nawe, kubera ko bigira ingaruka kuri we. Urukundo nyakuri ni indangagaciro nziza ituruka mu ijuru, rukarushaho kugira impumuro nziza uko rugenda rurushaho gukwirakwizwa mu bandi.

Urukundo rwa Kristo rurimbitse kandi rurangwa n’umwete, rutemba nk’umugezi utemba nta nkomyi rukagera ku bantu bose bazarwakira. Nta kwikanyiza kurangwa mu rukundo rwe. Muri uru rukundo rukomoka mu ijuru, ni ho ihame riba mu mutima, rizigaragaza atari mu bo dukunda cyane ku bw’isano yera gusa, ahubwo [ruzigaragariza] no ku bantu bose duhura nabo. Urwo rukundo ruzatwerekeza ku kwita ku bikorwa byoroje, rutume tugira ibyo tugabira abandi,

rudutere gukora ibikorwa by'ubugiraneza, no kuvuga amagambo yuje ineza, y'ukuri kandi atera ubutwari. Ruzatuyobora kwifatanya n'abafite imitima isonzoye kugirwa impuhwe.

UMUGABANE WA 2: GUSHAKA UWO MUZABANA UKWIRIYE

Jya ushyira mu bikorwa ibyo wiga

Mbere yo kwibwira iby'inshingano zijyana no gushyingiranwa, abasore n'inkumi bakagombye kubanza kugira bene iyo nararibonye igaragarira mu bibereho isanzwe ikaba nk'ibategurira kuzuzuzwa inshingano n'imitwari byo mu rushako.

Kubera ko kubaka urugo bireba abagabo n'abagore, abana b'abakobwa n'abahungu bagomba kugira ubumenyi bwo gukora inshingano zo mu rugo. [Kumenya] gusasa uburiri no gutegura icyumba, koza ibikoresho byo mu gikoni n'ibyo ku meza, gutegura amafunguro, kumesa no gusana imyambaro yabo yacitse, ni umwitozo utazatesha agaciro umwana w'umuhungu ngo bimubuze kuba umugabo, ahubwo bizamutera kwishima kandi abe ingira kamaro.

Hari abakobwa benshi bashyngiwe bakaba bafite imiryango, nyamara bafite ubumenyingingiro buke cyane bw'inshingano zireba umugore kandi nka nyina w'abana. Bashobora gusoma, ndetse bagacuranga ibikoresho bya muzika; ariko ntibashoboye guteka. Ntibashobora gukora umugati mwiza ndetse w'ingenzi cyane ku buzima bw'abagize umuryango. Ntibashobora gukata no kudoda imyambaro, kuko batigeze babyiga. Bafataga ibyo bintu nk'ibidafite agaciro, none mu mibereho y'urushako rwabo basa n'aho bishingikiriza ku bandi bantu kugira ngo babakorere ibyo bintu nk'uko abana babo bato nabo babishingikirizaho.

Icyo Umusore Akwiriye Kwitaho Ku Mugore Azashaka

Reka umusore ashake uwo kumuhagarara iruhande ubasha kumufasha imitwari yo mu buzima, uwo imbaraga ye ihindura izamuzamura kandi ikamutunganya, kandi uzamunezeresha rukundo rwe.

“Umugore witonda umahabwa n’Uwiteka.” “Umutima w’umugabo we uhora umwiringira. Ahora amugirira neza, ntabwo amugirira nabi, igihe cyose akiriho. Abumbuzi akanwa ke ubwenge; kandi itegeko ry’ururimi rwe riva ku rukundo. Amenya neza imico yo mu rugo rwe; kandi ntabwo aya ibyokurya by’ubute. Abana barahaguruka bakamwita Nyiramugisha; n’umugabo we nawe aramushima,” ati “Abagore benshi bagenza neza; ariko weho urabarusha bese.” Ubonye bene uwo mugore, aba abonye ikintu cyiza, akaba agize umugisha ahawe n’Uwiteka.” Imigani 19:14; 31:11,12, 26–29.

Rolf yari umuhungu w’umugabura wari umuyobozi mu Burayi. Umukobwa yashakaga gushyingiranwa na we ntiyari azi neza niba yaramukundaga, nyamara [Rolf] yari arimo amusaba ko basezerana.

Hari hari ibindi bibazo byagaragazaga ko uwo mukobwa atari yiteguye gusohoza inshingano z’ubuzima bw’abashyingiranywe, bimwe bitewe n’imyitwarire ye cyangwa uburere yahawe. Hari ibibazo Ellen White abaza Rolf byagombye gusubizwa na buri musore wese uteganya gushyingirwa.

Great Grimsby mu Bwongereza,

Ku wa 23 Nzeri 1886,

Ncuti nkunda Rolf,

Igihe nari i Basel, nagiranye ibiganiro na Edith ku byerekeranye n'uburyo wari waramwerekejeho umutima wawe. Namubajije niba ibiketekerezo bye byari byaramaze kwanzura mu buryo bwuzuye ko agukunda bihagije ku buryo yahuza inyungu ze n'izawe mu gihe cy'ubuzima bwe bwose. Yansubije ko atarafata umwanzuro mu buryo bwuzuye kuri iyo ngingo. Namubwiye ko yagombaga kumenya neza intambwe yari arimo atera; ko adakwiriye guha urwaho ukwitabwaho n'umusore uwo ariwe wese, ngo amwereke ko nawe amwitayeho keretse aramutse amukunda.

Yavuze mu buryo bweruye ko atari azi neza niba yaragukunze, ariko yibwiraga ko nagirana imishyikirano nawe, yashoboraga kukwiyumvamo mukamenyana. Ariko nk'uko bibamereye mwembi, nta na mahirwe mwagize yo kuba mwamenyana.

Nari mfite impamvu zatumaga ntekereza ko [uwo mukobwa] atishimiraga imirimo yo mu rugo, kandi nari nziko ukwiriye kugira umugore ushobora gutuma urugo rwawe rugira umunezero. Namubajije niba yari asanzwe afite ubunararibonye muri izo nshingano zo mu rugo. Yansubije ko yari yakoze imirimo yo mu rugo mu muryango wa se. Namubajije ibyo bibazo kuko uko nari naareretswe imico ye, yari akeneye kwigishwa mu buryo bwihariye ibijyanye n'inshingano zishyize mu bikorwa zo mu buzima, nyamara ntiyari afite ubushake cyangwa ubwuzu bwo [gukora] ibyo bintu.

Yambwiye ko nta kintu na kimwe yari yarigeze afataho umwanzuro, ko washakaga ibintu byihuta kandi ko wamukundaga, ariko ko atashoboraga kuvuga ko agukunda nubwo wari umugwaneza cyane kandi ukamwitaho. Naravuze ati: "Noneho mugomba kumvikana. Ntukamuyobye.

Namubwiye ko yagombye gutekereza ku mpamvu yo gushyingiranwa nawe, niba mu gutera iyo ntambwe mwembi mushobora guhesha Imana icyubahiro; niba muzarushaho kuba abantu b'umwuka, kandi niba imibereho yanyu izarushaho kuba ingirakamaro. Muri rusange, ingaruka zo gushyirwa guteguwe guturutse ku marangamutima no kwikunda, ntiziba nziza ahubwo akenshi havamo imibabaro iteye ubwoba.

None rero Rolf, sinshobora kuvuga ko ari inshingano yanjye kuba navuga ko utazashakana na Edith, nyamara nzavuga ko ngukunda. Hano hari ibintu bikwiriye kwitabwaho: Mbese umuntu muzashyingiranwa yaba azazana umunezero mu rugo rwawe? Mbese Edith yaba ari umuntu uzi gukoresha umutungo neza [uzi kuzigama], cyangwa ahubwo nimumara gushyingirarwa ntabwo azakoresha amafaranga ye gusa, ahubwo azanakoresha n'ayawe yose

kugira ngo ashimishe ubwibone bwe, ku bwo gukunda kugaragara neza inyuma? Mbese agendera ku mahame y'ukuri muri iki cyerekezo?

Si ntekereza ko Edith azi icyo kwiyanga ari cyo. Iyo aza kuba yari afite uburyo, yari kubona inzira nyinshi zo gukoreshamo amafaranga menshi cyane kurenza uko yabigenje. Kuri we, kwishakira ibinezaza ntibyigeze binesheka, kandi uku kwishakira ibinezeza bya kamere byahindutse ibigize imibereho ye. Yifuza kubaho mu buzima bworoshye kandi bunejeje.

Ngomba kuvuga mu buryo bweruye. Nzi neza ko wowe Rolf, nuramuka ushyinganywe nawe, muzabana, ariko ntabwo muzaba muhujye. Hari ikintu kizaba kibura muri uwo uzaba ari umugore wawe. Kandi ku byerekeranye no kubaha no kwiyegurira Imana bya Gikristo, ibyo ntibishobora na rimwe gukurira aho kwikanyiza gukomeye kwigararuriye umutima.

Rolf, nzakwandikira, nk'uwandikira umuhungu wanjye. Dufite umurimo ukomeye kandi uhanitse uri imbere yacu, kandi uruhare tuzaba dufite muri iyi si ruzaba rushingiye mu buryo bwuzuye ku ntego zacu n'imigambi dufite muri ubu buzima. Dushobora kuba turi gukurikiza ibyo twiyumvamo. Muri wowe wifitemo indangagaciro zagufasha kuba umuntu w'ingirakamaro, ariko nuramuka ukurikiye ibyo uhengamiramo, uwo muyoboro ukomeye w'inarijye uzakurimbura. Ishyirireho urugero ruhanitse kandi uharanire kurugeraho.

Ureke iki kibe ari cyo cyifuzo kiyobora umutima wawe, gukura ukaba umuntu ushyitse muri Kristo. Muri Kristo, ushobora gukorana ubutwari; mu gihe udafite Kristo ntacyo washobora gukora nk'uko bikwiriye. Wafashe icyemezo kidakuka cyo gusohoza ibyo ugambiriye. Iki si ikintu cyo kwirengagizwa mu mico yawe, niba imbaraga zawe zose uzeguriye Imana. Ndakwinginze uhorane ibi mu ntekerezo, ko udafite umudendeze wo gukora ibyo ushaka nk'uko ubyifuza. Kristo yakuguze igiciro kitagira akagero. Uri umutungo we, kandi mu migambi yawe yose ibyo ugomba kubizirikana.

By'umwihariko mu bigendanye no gushyingirwa kwawe, witonde cyane ushake umuntu muzahagararana mugafatanya gukura mu by'umwuka.

Rolf, ndashaka ko utekereza kuri ibyo bintu byose. Imana igufashe gusengera iki kintu. Abamarayika bitegereza uru rugamba. Nguhariye iki kibazo kugira ngo ugitekerezeho kandi ugifatire umwanzuro.

Ellen G. White.

Ibaruwa ya 23, 1886

Ibibazo Umukobwa Akwiriye Kubaza Mbere Yo Gushyingirwa

Umukobwa wese, mbere yo gutanga ikiganze cye ngo ashyingiranwe [n’umugabo], akwiriye kubaza niba umugabo ugiye kuzafatanywa nawe mu bizima bwe ari mwiza kandi akwiriye. Ni ibiki bimuvugwaho byaranze amateka ye y’ahashize? Mbese imibereho ye iraboneye? Mbese urukundo agaragaza rushingiye ku kwiyubaha n’imico ihanitse, cyangwa rushigiye ku gusamara gusa kw’amarangamutima? Mbese yaba agira imico izatuma umugore we anezerwa? Mbese umugore abasha kubonera amahoro n’umunezero nyakuri mu rukundo amukunda? Mbese azemererwa kuba umuntu witekerereza ku giti cye cyangwa ubwenge bwe n’umutimanama we bizagengwa n’umugabo we? Nk’umwishwa wa Kristo, [umugore] ntabwo ari we [ngo yigenge] yaguzwe igiciro. Mbese uwo mugore ashobora kwita ku byo Umukiza asaba maze akaba ari byo arutisha ibindi? Mbese aho umubiri n’umutima, intekerezo n’imigambi, bizarindwa bibonere kandi bibe ibyera? Ibi bibazo bifite icyo bivuze cy’ingirakamaro cyane mu mibeho myiza y’umugore wese ugiye kwinjira mu isano y’abashyingiranywe.

Reka wibaze ibi bibazo: mbese uku gufatanywa kuzamfasha mu rugendo rujya mu ijuru? Mbese kuzongera urukundo nkunda Imana? Kandi kwaba kuzarushaho kwagura aho ndi ingirakamaro muri ubu buzima? Niba ibyo ubitekereje ugasanga bitazagusubiza inyuma, noneho wajya mbere wubashye Imana.

Urukundo nyakuri ni igihingwa gikeneye kwitabwaho. Nimutyo umukobwa wifuzaga ugushyingirwa kuzamuhesha amahoro n’ibyishimo, ndetse agacika amakuba n’imibabaro byo mu gihe kizaza, mbere y’uko agaira uwo aha urukundo rwe yibaze ati: “Mbese umukunzi wanjye yaba afite nyina? Mbese imico ya nyina yaba imeze ite? Mbese aho [uyu musore] yaba azirikana inshingano afite kuri nyina? Mbese [uyu musore] yaba yita ku byifuzo n’umunezero wa nyina? Niba atubaha nyina kandi ntamwumvire, mbese azubaha umugore we, amukunde, amugaragarize ineza no kumwitaho? Mbese aho agahararo ko gushyingiranwa nigashira, azakomeza ankunde? Mbese azihanganira amakosa yanjye, cyangwa ahubwo azajya aba uwo kunenga, anyishongoreho kandi antwaze igitugu? Urukundo nyakuri ruzirengagiza amakosa menshi; kandi urukundo ntiruzayitaho.

Nimutyo umukobwa w’inkumi yemere uwo bazabana ubuzima bwe bwose, ufite ingeso zitunganye za kigabo, umugabo w’umunyamwete, uhorana intego kandi w’inyangamugayo, ukunda Imana kandi akayubaha.

Iyi baruwa [ikurikira] yandikiwe Nellie isa nk’ivuga ibibazo bimwe nk’ibyavuzwe mbere mu ibaruwa yandikiwe Rolf. Imbaga y’abantu yahuraga nabo ntabwo bari beza. Incuti ye idasanzwe ntiyubaha, ni umunebwe kandi agira imvugo itaboneye. Hari n’izindi ngeso zishobora gushidikanywaho. Ellen White abaza ibibazo bimwe bidaca ku ruhanda bishobora kuba bikureba nawe mu gihe usoma iyi baruwa.

ikirahure kimwe. Ntugategere amatwi amagambo y'ibyifuzo y'umuntu utazi inshingano afite ku Mana. Ukuri kuboneye kweza ubugingo kuzagutera ubutwari bwo kwitandukanya no kutagirana umubano unejeje n'umuntu uzi neza ko adakunda kandi atubaha Imana, kandi akaba nta n'ikintu azi ku mahame yo gukiranuka nyakuri. Dushobora guhora twihanganira intege nke z'incuti yacu n'ubujiji bwayo, ariko ntabwo tuzihanganira ingeso mbi zayo.

Witonderere buri ntambwe yose utera; ukeneye Yesu kuri buri ntambwe yose. Ubugingo bwawe bufite agaciro kenshi cyane ku buryo utagomba kubufata nk'aho budafite agaciro. Kaluvari iguhamiriza agaciro k'ubugingo bwawe. Shaka mu Ijambo ry'Imana kugira ngo umenye uko wakoresha ubugingo bwaguzwe igiciro kitagira akagero. Nk'umwana w'Imana, wemererwa gukora amasezerano yo gushyingiranwa mu Mwami gusa. Ugomba kumenya neza udashidikanya ko utari gukurikiza ibyifuzo by'umutima wawe, ahubwo ko uri kugendera mu kubaha Imana.

Niba abizera bifatanyije n'abatizera bagamije kubazanira Kristo, bazaba abahamya ba Kristo, kandi nibamara gusohozza umurimo wabo, bazitandukanya na bo kugira ngo bahumeke umwuka uboneye kandi wera. Igihe cyose uri mu bantu batizera, ujye wibuka ko mu mico yawe uri uhagarariye Yesu Kristo, kandi ntukagire amagambo yo gushyeshyenga n'adafite umumaro, kandi ntihakagire ibiganiro by'imfabusa biva mu minwa yawe.

Ujye uhorana mu ntekerezo agaciro k'ubugingo, kandi wibuke ko ari amahirwe yawe n'inshingano yawe kuba umukozi ukorana n'Imana mu buryo bwose bushoboka. Ntugomba kwisuzugura ngo wishyire ku rwego rumwe n'abatizera, ngo useke kandi uvuge amagambo nk'ayabo y'amanjwe.

Uwiteka azakubera umufasha, kandi nuba umwiringiye, azagushyira mu mwanya w'icyubahiro no ku rwego rwo hejuru, kandi ibirenge byawe azabihagarika ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka. Ku bw'ubuntu bwa Kristo ushobora gukoresha neza ubushobozi waragijwe maze ugahinduka umukozi uhagarariye icyiza mu kugarurira Kristo imitima. Buri mpano yose ufite igomba gukoresherezwa mu ruhanda rw'ukuri.

Murumuna wanjye nkunda, nkwandikiye iyi baruwa kubera ko nkunda ubugingo bwawe, kandi ndaguhendahendera kumva amagambo yanjye. Mfite byinshi byo kukwandikira igihe nzabonera umwanya.

Nkwandikiranye urukundo rwa Gikristo.

Ellen G. White.

Ibaruwa ya 51, 1891

UMUGABANE WA 3: MBESE KOKO NI URUKUNDO?

Satani akora ubudacogora kugira ngo arehereze abantu badakwiranye rwose gufatanyiriza hamwe inyungu zabo. Yishimira cyane gukora uyu murimo, kuko ku bwawo ashobora guteza umuryango wa muntu umubabaro ukomeye n'akaga gakomeye ko kutagira ibyiringiro kurusha uko yabigeraho akoresheje ubucakura bwe mu bundi buryo.

Ugushyingiranwa kwa benshi nta kindi kubyara uretse ubuhanya, nyamara intekerezo z'urubyiruko ziroha muri iyi nzira bitewe n'uko Satani ari we ubayoboyemo, akabatera kwizera ko bagomba gushyingirwa kugira ngo banezerwe, nyamara kandi badafite ubushobozi bwo kwitegeka cyangwa bwo kwibonera ibyo umuryango ukenera. Abantu badafite ubushake bwo kuba bakwihanganirana, mu rwego rwo kwirinda ibibatandukanya bidashimishije n'impaka bagirana, [bene abo] ntibakwiriye gutera intambwe yo gushyingiranwa.

Iki kibazo cyo gushyingiranwa gikwiriye kuba icyo kwigwaho aho kugira ngo kibe ikibazo cyo gutwarwa n'amarangamutima.

Mbese rwaba ari urukundo nyakuri?

Urukundo nyakuri ni ihame rihanitse kandi ryera, ritandukanye rwose n'urukundo rukanguwe n'amarangamutima gusa, rumwe ruhita ruzima rugapfa mu kanya gato iyo rugeragejwe cyane.

Urukundo nyakuri si irari ry'amarangamutima akomeye, agurumana, kandi ahutiraho. Ibiramambu, urukundo nyakuri rurangwa n'ituze kandi ruba rwimbitse muri kamere yarwo. Rureba hirya cyane y'ibigaragara inyuma gusa, kandi rukururwa gusa n'ibyiza biri mu mico y'umuntu. Rurangwa n'ubwenge n'ubushishozi, kandi ukwitanga kwarwo ni uk'ukuri kandi guhoraho.

Urukundo ni impano y'agahebuzo, duhabwa na Yesu. Urukundo ruboneye kandi rwera si amarangamutima y'ibyo umuntu yiyumvamo, ahubwo ni ihame. Abantu bayoborwa n'urukundo nyakuri ntabwo ari abantu badatekereza kandi si impumyi.

Ukwicisha bugufi, ubugwaneza, ukwihangana, ukudacogora, kuba umuntu utarakara vuba, ukwihanganira byose, kwiringira byose, no kunesha byose—izi ni imbuto zera ku giti cy'igicro cyinshi cy'urukundo, rukuzwa n'ibyo mu ijuru. Iki giti nikigaburirwa neza, kizahorana itoto. Amashami yacyo ntazasaza, kandi ibibabi byacyo ntibizaraba. Iki giti ntabwo gipfa, gihora kivomererwa n'ikime cyo mu ijuru iteka ryose.

Urukundo Ni Ikimera Cyuje Ubwuzu

Urukundo ni igihingwa gikomoka mu ijuru, ndetse kigomba gusigasirwa kandi kikagaburirwa. Imitima y’abantu yuzuye urukundo, n’amagambo y’ukuri kandi yuje urukundo, bizatuma mu muryango haba umunezero kandi bitume imbaraga yabo izahura igera ku bantu bari aho imbaraga yabo ihindura ibasha kugera.

N’ubwo abagore baba bashaka abagabo b’abanyembaraga kandi bafite imico myiza, abo bashobora kubaha no gukunda, iyo mico igomba kuba ihujwe n’ubugwaneza n’urukundo no kwihangana. Umugore na we agomba kurangwa n’ibyishimo, ubugwaneza no kwiyegurira Imana, akigana ibyo umugabo we akunda uko bishoboka kose ariko adatakaje umwihariko we. Abashakanye bombi bakwiriye kwihingamo umuco wo kwihangana no kugira neza, hamwe no kugirirana urukundo rurangwa n’ubwuzu, ruzatuma imibereho y’abashakanye irangwa n’ibyishimo no kunyurwa.

Abantu bafite ibitekerezo bihanitse ku byerekeranye n’imibanire y’abashakanye, abo ibitekerezo byabo byashushanyije imimerere y’urugo idashingiye ku bibazo n’imihangayiko by’ubuzima, bazibona bacogojwe mu buryo bubabaje n’ibizababaho [batari biteze] mu by’ukuri. Iyo ubuzima nyakuri buje bufite ibibazo n’ibigomba kwitabwaho, usanga batiteguye guhangana nabyo mu buryo budasubirwaho. Bitega ko buri wese atunganye, ariko bakisanga bafite intege nke kandi bafite inenge, kuko abagabo n’abagore bapfa atari ba miseke igoroye ngo babe badafite amakosa. Nuko bagatangira gushakanaho amakosa, kandi bakagaragaza ko bababajwe [n’ayo makosa]. Nyamara aho kubigenza batyo, bakagombye kugerageza gufashanya, kandi bagashaka ukubaha Imana gushyizwe mu bikorwa kugira ngo bibafashe kurwana intambara y’ubuzima bafite ubutwari.

Imbaraga z’urukundo

Urukundo ni imbaraga. Imbaraga z’ubwenge n’iz’imicombonera bikubiye muri iri hame, kandi ntibishobora gutandukana na ryo. Imbaraga z’ubutunzi zisa n’izonona kandi zikarimbura; ububasha bw’imbaraga burakomeye ku buryo bubasha gukomeretsa; nyamara ubwiza n’agaciro by’urukundo rutunganye bishingiye mu mbaraga zarwo no gukora ibyiza, no kutagira ikindi rukora uretse icyiza.

Ikintu cyose gikozwe gikomotse ku rukundo rutunganye, nubwo cyaba ari gito cyangwa gisuzuguritse mu maso y’abantu, cyose uko cyakabaye cyera imbuto; kubera ko icyo Imana yitaho cyane ari ingano y’urukundo rwateye umuntu gukora kuruta ubwinshi bw’ibyo yakoze.

Urukundo ruva ku Mana. Umutima utarahindutse ntushobora kuvukamo cyangwa kumeza iki kimera gifite gukura kuva mu ijuru, kibaho kandi kigakurira aho Kristo yimitswe gusa.

Urukundo ntirukorera kubona inyungu cyangwa igihembo; nyamara Imana yavuze ko umusaruro utazabura kubaho ari inyungu nyinshi zizanwa na buri murimo wose ukoranywe urukundo. Rwifitemo ugusakara muri kamere yarwo kandi rugakora bucece, nyamara rufite imbaraga kandi rurakomeye ku mugambi warwo wo gutsinda ibibi bikomeye cyane. Rworoshya kandi rugahindura [imitima] rukoresheje imbaraga yarwo ihindura, bityo ruzafata ubuzima bw'abantu bwamunzwe n'icyaha maze rutere impinduka kuri iyo mitima mu gihe ubundi buryo bwose ntacyo bwabashije kugeraho.

Ahantu hose imbaraga z'ubwenge, iz'ubutware, cyangwa iz'ububasha zikoreshejwe, maze ntihagaragaremo urukundo, urukundo n'ubushake by'abo dushaka kugeraho bizihutira kuturwanya, bihagarare mu byimbo kugira ngo bitwigizemo, kandi imbaraga zabyo zo kwihagararaho ziziyongera.

Urukundo rutunganye ruba rworohere mu mikorere yarwo, kandi rutandukanye n'irindi hame iryo ariryo ryose rigenga imikorere. Gukunda kugira imbaraga ihindura abandi no kwifuza kubahwa na bo bishobora gutera umuntu kugira imibereho itunganye, ndetse incuro nyinshi ntagire amakemwa mu biganiriro agirana na bo. Kwiyubaha bishobora kudutera kwirinda kugaragara nabi. Umutima wikunda ushobora gukora ibikorwa birangwa n'ubuntu, ukemera ukuri kw'iki gihe, ndetse ukerekana kwicisha bugufi n'amarangamutima asusurutse mu buryo bugaragarira amaso, nyamara impamvu zabyo zishobora kuba ziyobya kandi zidatunganye; ibikorwa bikomoka mu mutima nk'uwo bishobora kuba bitagira impumuro y'ubugingo n'imbuto zo kwera nyakuri, zikaba zikennye cyane amahame y'urukundo rutunganye rwose.

Urukundo rukwiriye kwishimirwa kandi rukabagarirwa, kuko imbaraga yarwo ihindura ituruka ku Mana.

Igihe urukundo ruba impumyi

Abantu babiri barahura bakamenyana; bagakundana by'agahararo, maze intekerezo zabo zose zigatwarwa rwose. Ubwenge bwabo buhinduka impumyi, kandi gushyira mu gaciro kwabo kukigizwa kure. Bene abo ntibumvira inama n'imwe bagirwa cyangwa ngo bumvire ubuyobozi ubwo ari bwo bwose, ahubwo batsimbarara mu nzira yabo bihitiyemo, batitaye ku ngaruka zizavamo.

Nk'uko bigenda ku ndwara y'icyorezo, cyangwa indwara yandura iba igomba gukora ibyayo, nabo urukundo rw'agahararo ni rwo ruba rwarabigaruriye; kandi biba bisa rwose n'aho nta kintu cyabaho ngo kiruhagarike. Birashoboka ko hari ababazengutse babona ko abo bombi bashishikaye baramutse bashyingiranwe

kubana kwabo gushobora kuzababyarira umubabaro w'igihe kirekire. Nyamara kubinginga no kubahendahenda [ngo bumvire inama] birakorwa bikaba iby'ubusa. Bishoboka ko ku bw'uko kubana kwabo usanga kuba ingirakamaro k'umwe Imana yari kuzahera umugisha mu murimo wayo kwazagwabira cyangwa se kugatsembwa; nyamara inama bagirwa n'ibyo bemezwa byose ntibabyumvira.

Ibishobora kuvugwa n'abagabo n'abagore bafite ubunararibonye byose bigarara ko ntacyo bihindura, ugasanga bidafite imbaraga zo guhindura icyemezo ibyifuzo byabo biba byaberekejeho. Bazinukwa ikintu icyo ari cyo cyose cyerekeye iyobokamana. Usanga buri wese yaratwawe n'undi rwose by'agahararo, maze inshingano z'ibyo bagomba gukora mu buzima zikirengagizwa, nk'aho ari ibintu by'agaciro gake.

Izina ryiza ry'icyubahiro rihindurwa ubusa bitewe n'umwuka w'uru rukundo rw'agahararo, kandi ugushyingiranwa kw'abantu nk'abo ntigushobora gukorwa kwemewe n'Imana. Baba bashyingiranwe bitewe n'uko bakoreshejwe n'iruba, bityo agahararo ko gushyingiranwa kwabo nigashira, bazatangira gusobanukirwa neza n'ibyo bakoze. Nyuma y'amezi atandatu barahiriye kubana, amarangamutima bagiriranaga aba yaramaze guhinduka. Muri iyo mibereho y'abarashyingiranwe buri wese aba yarigiyemo byinshi byo mu mico y'uwo yahisemo ngo babane. Buri wese muri bo atahura inenge zitagaragaraga muri cya gihe cy'ubuhumyi n'ubusazi cyaranze kwa kwifatanya kwabo kwabanje. Amasezerano batangiyeye ku ruhimbi ntaba akibafatanya. Mu ngaruka zo gushyingiranwa gukozwe hutihuti, yemwe no bavuga ko ari ubwoko bw'Imana usanga mu itorero habamo kwahukana kwinshi, gatanya nyinshi ndetse n'urujijo rukomeye.

Igihe amazi aba yaramaze kurenga inkombe, baza gutahura ko bakoze ikosa, kandi ko bashyize mu kaga umunezero wabo wo muri ubu buzima ndetse n'agakiza k'ubugingo bwabo. Ntibemeye ko hari undi muntu wagira icyo amenya kuri iki kibazo uretse bo ubwabo, mu gihe iyo baba barakiriye inama, bagombye kuba baririnzwe imyaka y'umubabaro n'agahinda. Nyamara ababa biyemeje rwose badatezuka gukurikira inzira bishakiye banga inama bagirwa rwose. Kuri buri ntambwe yose batera baba bayobowe n'amarangamatima adashobora guhagarikwa no gushyira mu gaciro no gutekereza neza.

Banza ushyire ku munzani amarangamutima yawe yose, kandi witegereze iterambere ryose ry'imico y'uwo utekereza kuzafatanywa na we ubuzima kugeza ku iherezo. Intambwe ugiye gutera ni imwe mu ntambwe z'ingenzi kurusha izindi zose mu buzima bwawe, kubera iyo mpamvu, ntukwiriye kuyitera hutihuti. Nubwo wakunda, ntugakunde buhumyi.

Ndiringira ko uzagira ukwiyubaha bihagije ukirinda bene iyi mirambagairize [irimo ubuhumyi]. Niba urangamiye guhesha Imana icyubahiro, uzatera intambwe ufite gushishoza no gutekereza neza. Ntuzemera ko gutwarwa

n'amarangamutima akugira nk'umurwayi biguhindura impumyi ku buryo udashobora gutandukanya neza ibyo Imana igusaba bihanitse nk'Umukristo.

Muri iyi baruwa [ikurikira] habazwamo ibibazo byinshi bisaba gutekereza. Bisa nk'aho abo bombi bakiri bato cyane [mu myaka] ndetse batarakura, ku buryo batekereza ibyo gushaka. Bimwe mu bihamya bigaragaza ko badakuze biragaragazwa. Ku ruhande rw'umukobwa hari ikibazo cy'uko afatira ibintu hejuru atabyitayeho. Ikibazo cyo kumenya niba ari urukundo nyakuri cyangwa ari urw'agahararo gikwiriye kwitabwaho. Ellen White asaba umusore kureba kure, aho gutekereza gusa ku bintu by'ako kanya.

Salem, Oregon,

Ku wa 08 Kamena, 1880.

Ncuti nkunda Yohana,

Mbabajwe n'uko wagiye ugirana agakungu na Elizabeti ngo uri kumurambagiza. Mbere ya byose, Uguhangayika ufite kuri iki kibazo, bibaye imbura-gihe.

Ndabikubwira nk'umuntu ubisobanukiwe neza. Tegereza igihe uzaba umaze kwisobanukirwa wowe ubwawe no kumenya isi, ukamenya ibyerekeranye n'imyifatire n'imico by'abakobwa b'inkumi, mbere y'uko wemera ko ingingo y'ibyo gushyingirwa yigarurira ibitekerezo byawe.

Elizabeti ntazigera akuzamura. Nta mbaraga izo arizo zose zihishe muri we, ku buryo ziramutse zikujijwe zatuma aba umugore ufite ubushishozi n'ubushobozi washobora kuba iruhande rwawe, kugira ngo agufashe mu ntambara z'ubuzima. Ntabwo afite imbaraga z'imico. Nta bitekerezo byimbitse afite ndetse nta n'ubushobozi bw'imyumvire afite bwashobora kugufasha. Iyo urebye hafi, ubona nta kindi kintu gihari. Nyuma y'igihe gito ushyingirwe, ibyo binezaneza wiyumvamo bizakurwaho. Agahararo ko gushyingirwa nikaba kashize, uzabona ibintu uko biri koko, maze ubone ko wakoze ikosa rikomeye.

Urukundo ni amarangamutima yera cyane ku buryo abantu bake ari bo bazi icyo ari cyo. Ni imvugo abantu bakoresha, ariko batayisobanukiwe. Gutwarwa n'amarangamutima n'agaharararo abakiri bato bagaragarizanya, si rwo rukundo, ntibikwiriye kwitwa iryo zina. Urukundo nyakuri ruba rushingiye ku bwenge, ku bumenyi bwimbitse ufite ku byerekeranye n'icyo ugiye gukunda.

Wibuke ko urukundo rushingiye ku byiyumviro ari ubuhumyi bwujuje ibyangombwa. Mu gihe gito ruzaba rwashyizwe ku bintu bidafite agaciro nk'aho bifite agaciro. Tegeka bene urwo rukundo guhagarara kandi rutuze. Uhe umwanya ibitekerezo nyakuri, byimbitse kandi biboneye abe ari byo utekerezaho. Mbese uyu waba ari wo mugambi w'urukundo rwawe, ushingiyeye mu by'ubwenge no mu by'imico mbonera, mu myitwarire n'imico yakujijwe, bimwe wumva uzaterwa ishema na byo umenyakanisha uwo mukobwa mu muryango wa so, akamenyekana muri rubanda rwose ko ari we wahisemo?

Ujye ufata igihe gihagije cyo kwitegereza buri kantu kose, kandi ntukiringire ubwenge bwawe, reka so na nyoko [ababyeyi] bawe bagukunda, hamwe n'incuti z'inkoramutima, basuzume mu buryo burambuye uwo wumva ushaka kunezeza. Ntukiringire ubushishozi bwawe bwite, kandi ntugashyingiranwe n'uwo wumva ko atazubahisha so na nyoko, [agomba kuba] umuntu ufite ubwenge n'imicombonera ikwiriye.

Umukobwa uha urukundo rwe umugabo, kandi agatuma amwitaho binyuze mu kumwegera, akajya yigenzagenza aho uwo mugabo ashobora kumubona, uretse gusa igihe uwo mugabo amwitwayeho nabi [akamutesha agaciro], uwo si

umukobwa wakwifuza kwifatanya na we. Ibiganiro bye biba bikennye kandi akenshi ntibiba birimo ubwenge ngo bibe byimbitse.

Byarushaho kuba byiza kudashyingirwa rwose, aho gushyingirwa mu buryo bubabaje. Ariko rero mu byo ukora byose, jya ugisha Imana inama, ube umuntu utuje cyane, wiyegurire ubushake bw'Imana, kugira ngo udatwarwa n'umuriro w'amarangamutima, ku buryo uba udakwiriye umurimo wayo bitewe n'ibyo wiziritseho.

Dufite igihe gito cyo kwibikira ubutunzi bw'imirimo myiza mu ijuru; ntukagire ikosa na rimwe ukorera hano; korera Imana n'umutima wawe wose utizigamye. Korana ishyaka kandi ukorane umutima wose. Reka urugero rwawe rube urw'imico izatuma ufasha abandi kugira ngo bahitemo guhagarara mu ruhande rwa Yesu. Abasore ntibazi imbaraga ihindura abandi bashobora kugira. Korera iby'iki gihe ndetse ukorere n'iby'igihe kitazashira.

Umubyeyi wakureze,

Ellen G. White

Ibaruwa ya 59, 1880

UMUGABANE WA 4: MBESE URASHAKA UBUFASHA?

Mbese nahisemo neza?

Ntabwo tugomba gufata inshingano zacu z'ibyo tugomba gukora ngo tuzishyire ku bandi, maze ngo dutegereze ko ari bo batubwira ibyo dugomba gukora. Ntabwo dushobora kwishingikiriza ku nama z'abantu. Uwituka azatwigisha inshingano yacu kandi azabikora abikunze rwose nk'uko yakwigisha uwo ariwe wese ubishaka. Nidusanga Imana twizeye, izaduhishurira ubwiru bwayo. Imitima yacu izagira ubwuzu bwishyamba mu gihe Imana izaba iri hafi yacu ngo dusabane nk'uko yabigenje kuri Henoki. Abiyemeza kutagira icyo bakora mu buryo ubwo ari bwo bwose cyababaza Imana, nyuma yo kugeza ibyifuzo byabo imbere y'Imana, bazamenya neza icyo bakwiriye gukora. Kandi ntabwo bazahabwa ubwenge gusa, ahubwo bazahabwa n'imbaraga. Bazahabwa imbaraga zo kumvira no gukora umurimo nk'uko Kristo yabisezeranye.

Gushyingirwa ni ikintu kizateza impinduka kandi kinagire ingaruka ku mibereho yawe yo muri iyi si ndetse n'iyi mu isi izaza. Umukristo nyakuri ntazakomeza kujya mbere mu migambi ye yo gushyingiranwa atabanje kumenya neza ko Imana yemeye ibyo ashaka gukora. Ntazifuzwa kwihitiramo, ahubwo aziyumvamo ko Imana ari yo ikwiriye kumuhitiramo. Ntidukwiriye kwishimisha ubwacu, kuko na Kristo ubwe atigeze ajenza atyo. Ntabwo nifuzwa kumvira nk'uvugaga ko hari umuntu washakaga uwo adakunda. Icyo cyaba ari icyaha. Ariko gutwarwa ndetse n'amarangamutima bya kamere ntibikwiriye kwemererwa kujyana umuntu mu irimbukiro. Imana isaba umutima wose, n'urukundo rwimazeyo.

Niba abasore n'inkumi bari bafite akamenyero ko gusenga kabiri ku munsi mbere yo gutekereza ibyo gushyingirwa, igihe batangiyeye gutekereza gutera iyo ntambwe bakwiriye noneho gusenga incuro enye ku munsi. Gushyingirwa ni ikintu kizateza impinduka kandi kinagire ingaruka ku mibereho yawe yo muri iyi si ndetse n'uyi izaza. Umukristo nyakuri ntazakomeza kujya mbere mu migambi ye yo gushyingiranwa atabanje kumenya neza ko Imana yemeye ibyo ashaka gukora.

Niba hari ingingo ikwiriye kwiganwa intekerezo zituje, ndetse n'imyanzuro idashingiye ku marangamutima, ni ingingo yo gushyingirwa. Niba hari igihe Bibiliya iba ikenewe nk'umujyanama, ni mbere yo gutera intambwe yo gufatanyiriza abantu babiri hamwe ngo babane ubuzima bwose.

Gushyingiranwa ni umuhango wera washyizweho n'Imana, kandi ntukwiriye gukorwa n'abantu bafite umwuka wo kwikanyiza. Abantu bateganya gutera iyo ntambwe bakwiriye gutekereza ku gaciro kayo batajenjetse kandi basenga, ikindi kandi bakagisha inama Imana kugira ngo bamenye neza ko inzira bari gucamo ihuje n'ubushake bw'Imana. Amabwiriza yatanze mu ijamba ry'Imana kuri iyi

ningo akwiriye kwitabwaho mu buryo bwitondewe cyane. Ijuru ryitegerezanya ibyishimo ugushyingiranwa gukozwe mu buryo abashyingiranwa baba bafite icyifuzo kidakebakeba cyo gukurikiza amabwiriza yatanze mu Byanditswe Byera.

Belle asa n'udashaka inama ziturutse ku muntu uwo ariwe wese, haba n'iz'abamuri hafi cyane kurenza abandi bose, kandi bakaba bashishikajwe cyane n'ibyamubera umunezero. Ellen White avuga ko yagombaga gutegera amatwi ababyeyi be, ariko yababajwe n'uko inama ze zititaweho. [Ellen White] yasabye niba Belle adashaka ubufasha bw'abantu, mu by'ukuri yagombye guhindukirira Imana. Hano hari amabaruwa abiri madamu White yamwandikiye.

Ibaruwa No. 1 Battle Creek, Mich.

Ku wa 01 Werurwe, 1889

Belle nkunda:

Nifuzaga guhura nawe maze tukaganira. Mfite ubwoba ko wirengagiza umucyo Uwiteka yishimiye kuguha binyuze muri jye. Nzi y'uko Uwiteka agufitiye urukundo rwinshi rurangwa n'impuhwe, kandi niringiye ko utazatwarwa n'ibishuko ngo ukurikire inzira izatandukanya ubugingo bwawe n'Imana. Hariho abantu benshi biteguye gutanga inama no kugutera urujijo mu ntekerezo biturutse ku nama batanga, nyamara badafite Imana ho umujyanama wabo, ku bw'ibyo rero ibyo bashobora kuvuga byose, icyo bizakora gusa ni kuvurunga ikibazo cy'umuntu wari usanzwe ari kugeragezwa [maze kikarushoho kumukomerera].

Belle, imyifatire yawe n'imiterere yawe ni yo itumye mpangayikishwa cyane n'ubugingo bwawe. Ndatinya ko utazatoranya mu ncuti zawe abantu bazi kubika ibanga kandi b'abahanyabwenge kandi bicisha bugufi mu mutima, bakunda Imana kandi bakitondera amategeko yayo.

Intumwa [Pawulo] yahumukewe itanga inama yo kwirinda igisa n'iki cyose. Mbese ibyo waba warabikoze? Ibyiyumviro n'amarangamutima ni byo byakujijwe cyane kurenza ubwenge. Belle, hagomba kwirindwa ikintu cyose cyatuma iryo rari riyiyongera bikabije maze rikagira imbaraga itegeka izindi. Ufite imbaraga zigutera kugira ibyo ukora; reka ze kwanduzwa kandi zegurirwe gukorera Imana rwose uko zakabaye. Imana yaguhaye ubushobozi n'imbaraga kugira ngo byezwe kandi bikoresherezwe guhesha Imana ikuzo.

Ufite amateka kandi uracyakomeje gukora amateka. Muri iki gihe cy'akaga ku buzima bwawe, ubwenge bushobora guhinduka bugafata ikindi cyerekezo, ukarangamira ibyanduza imico yawe aho kwifuza gutungana. Imbaraga ihindura yanduza y'ab'isi ishobora guhindura imyifatire yawe, [igahindura] ibyo ukunda, iby'uganira, ndese n'imico yawe. Wowe uri ku ruhande rwatsinzwe. Ibihe by'agaciro kenshi kandi by'ingenzi cyane bifite umusaruro w'ibizahoraho iteka ryose, bishobora rwose kwegurirwa mu ruhande rwa Satani rufite ikibazo, kandi bishobora gutuma urimbuka. Sinshaka ko bigenda bityo. Ndashaka ko uba Umukristo, ukaba umwana w'Imana, umuragwa w'ijuru.

Wugarijwe n'akaga ko kureka Kristo, akaga ko kuba umuntu utagira amakenga kandi udashaka kumva inama z'ubwenge. Inama z'urukundo rwa kibyeyi ntizumvikana mu matwi y'intumva. None Belle, uzatekereza bikomeye, niba uzemera inama uhawe n'umuntu ufite inararibonye? Mbese uzayoborwa n'incuti zawe? Mbese inama z'ababyeyi zizirengagizwa? Mbese uzirwariza mu kibazo cyawe?

Ndiringira ko uzahindura imigirire yawe, kuko niba Uwiteka yarigeze kuvugana nanjye, ubu aravugana nawe ngo usubize intambwe inyuma. Irari ryawe rirakomeye, amahame yawe ari mu kaga, kandi ntabwo uzita ku nama uzi neza ko ari nziza, kandi akaba ari n'ikintu cyonyine cyumvikana neza, gifite umutekano, kandi gihamye ugomba gukora. Mbese uziyemeza gukora ibikwiriye, ube umunyakuri, wumvire inama nguhaye mu izina ry'Uwiteka? Imana yaguhaye ubushobozi. None se buzapfushwa ubusa mu buryo budatekerejweho? Imihati itayobowe neza akenshi izaganisha mu cyerekezo gipfuye aho kuganisha mu cyerekezo kizima. Mbese uzareka imyaka yo kuraragira, gucikabwaa intege no gukorwa n'isoni ihite maze utere ibitekerezo bibi mu ntekerezo z'abantu ku bw'imikorere yawe [idahwitse] ku buryo udashobora na rimwe kugira ya mbaraga ihindura abandi washoraga kuba ufite?

Kugira ngo ubone icyo wibwira ko ari umudendezo, ujya mu nzira ku buryo iramutse ikurikijwe, yazagushyira mu bubata bubu cyane kuruta ubucakara. Ukwiriye guhindura uburyo bw'imigirire yawe kandi ukayoborwa n'inama zitangwa z'abafite inararibonye kandi binyuze mu bwenge bw'abo Uwiteka yigisha, ubushake bwawe ubushyire mu ruhande rw'ibyo Imana ishaka.

Ariko niba wiyemeje kutagira inama z'abandi wumvira, ahubwo ukemera inama zawe bwite kandi ugashaka uko wakemura buri kibazo wenyine, icyo gihe umenye neza ko uzasarura ibyo wabibye. Uzabura inzira nyakuri burundu, cyangwa se igihe uzaba wakomerekejwe, wononekaye, kandi wabaye igikuri mu mico y'iby'idini, uzahindukirire Uwiteka, wicishije bugufi, wihannye kandi wicuza amafuti yawe. Uzarambirwa no guhora urushywa n'ubusa.

Wibuke ko buri gikorwa cyose na buri migirire yose bifite imiterere y'uburyo bubiri, uburyo bwiza cyangwa bubu. Imana ntishimishwa n'ibyo ukora. Mbese ushobora kugumya gutsimbarara mu kugendera mu nzira urimo?

Ellen G. White

Ibaruwa ya 47, 1889

Ibaruwa No. 2

Ncuti nkunda Belle:

Na none umutima wanjye ukwerekereye. Umutima wawe umeze ute? Mbese ufite umutima utagucira urubanza imbere y’Imana n’abantu? Mbese abo ushyikirana nabo, baba ari abantu bafite imico ikurehereza ku Mana no ku b’antu byo mu ijuru, [abantu bafite imico] ituma wongera uburyo wubahamo ababyeyi bawe, kandi bagatuma ugira ibitekerezo byera ndetse biboneye? Mbese ukunda ukuri no gukiranuka? Cyangwa se waba uri kwita ku mitekereze yawe iyo wihangiye, idashobora gukiza ubugingo bwawe? Mbese ushobora gusubiza amaso inyuma ukumva unyuzwe uramutse utekereje ku mwaka wa nyuma w’ubuzima bwawe? Mbese ushobora kubona ukwiyongera mu mbaraga zawe z’ibya mwuka? Ukwinezeza kubi kose, kwishakira ibinezeza kose, ni inkovu zisigara ku mutima, kandi imbaraga zo hejuru z’ubwenge zirononekara. Hashobora kubaho kwihana, ariko ubugingo buramugara, kandi inkovu zikomeza kubaho igihe cyose. Yesu ashobora guhanaguraho icyaha, ariko ubugingo bw’umuntu buba bwaragize igihombo.

Ndakwinginze Belle, usange Imana uyisabe ubwenge. Ikintu gikomeye cyane kurusha ibindi byose ugomba guhangana nacyo, ni ukwitegeka wowe ubwawe. Ibigeragezo byawe bwite bya buri muni, amarangamutima yawe n’imyifatire yawe yihariye, ibyifuzo birwanirwa muri wowe, — ibyo ni ibintu bigukomereye kubitegeka, kandi izi ngeso mbi akenshi zigushyira mu bubata no mu mwijima.

Icyo ugomba gukora rukumbi ni ukwishyira mu biganza bya Yesu utizigamye, — imibereho yawe yose, ibishuko byawe byose n’ibigeragezo byawe byose, ibyifuzo byawe byose, — kandi ukareka Uwitaka akakubumba nk’uko ibumba ribumbirwa mu ntoki z’umubumbyi. Ntabwo uri uwawe bwite, bityo rero ni ngombwa ko ufata kamere yawe idashobotse ukayishyira mu biganza by’Ushoboye kuyiyobora. Hanyuma ubugingo bwawe buzabona ikiruhuko, ndetse ikiruhuko cy’agaciro kenshi n’amahoro.

Belle, ubu ngubu ntabwo igihe kiragera ngo ube wakosora amakosa wakoze. Ntabwo igihe kirarenga ngo ube utatuma guhamagarwa kwawe no gutoranywa kwawe kuba impamo. Ubu ushobora gutangira gukorera kuri gahunda yo kongeraho. Kwizera kwawe ongeraho ingeso nziza, no kumenya, no kwirinda, no kwihangana, ndetse [wongere] no buntu bwose bwa Gikristo. Ibindi bintu byose bizarimbuka ku muni ukomeye w’itanura, ariko izahabu y’imico yera yo izagumaho. Ntija yononekara. Izihanganira ikigeragezo cy’imiriro yo ku muni w’imperuka. Mwana wanjye nkunda, ndakwifuriza kwibuka ko “Imana izazana umurimo wose mu manza, n’igihishwe cyose ari cyiza cyangwa ikibi.” Umubwiriza 12:14.

Urimo urakora iki Belle? Mbese uhereye igihe wafatiye umwanzuro wo kwirengagiza inama, kandi ukazanga, waba waragiye uba Umukristo ushikamye

kandi ukuze mu by'umwuka? Cyangwa se ahubwo mu gihe wahitagamo inzira yawe bwite, wabonye ko ikuzanira impagarara, amaganya no guhangayika?

Kubera iki utumva inama z'ababyeyi bawe? Mu by'ukuri imbere yawe hari inzira ikuyobora ku kurimbuka. Mbese uzahindukira bigishobika? Mbese uzashaka Uwiteka mu gihe ijwi ryiza rya Mbabazi riguhamagara, cyangwa uzikomereza mu nzira yawe bwite? Uwiteka agufitiye impuhwe. Uwiteka arakurarika. Mbese uzaza?

Uwiteka agufashe guhitamo kuba uwe umaramaje.

Nkwandikiye kuko ngukunda.

Ellen G. White

Ibaruwa ya 51, 1889

Ababyeyi bashobora kubafasha

Niba ufite umugisha wo kugira ababyeyi bubaha Imana, bashakeho inama. Babwire ibyiringiro byawe n'imigambi ufite; iga amasomo wigishwa n'ubunararibonye bagize mu mibereho yabo.

Mbese umuhungu cyangwa umukobwa akwiriye guhitamo uwo bazabana atabanje kubaza ababyeyi be, mu gihe iyo ntambwe yahungabanya umunezero w'ababyeyi ku rugero runaka igihe bakunda abana babo? Kandi se uwo mwana akwiriye gutsimbarara maze agakurikiza inzira yishakiye yirengagije inama z'ababyeyi be no kwinginga kwabo? Nsubiza nkomeje ngo: Oya, oya niba atarashyingirwa. "Wubahe so na nyoko kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha." (Kuva 20:12). Aha hari itegeko rifite isezerano Imana izasohozza nta kabuza kuri abo baryumvira. Ababyeyi b'abanyabwenge ntibazigera batoranyiriza abana babo abo bazabana birengagije ibyifuzo byabo.

Rimwe mu makosa akomeye cyane afitanye isano n'iyi ngingo ni uko abasore n'adadafite inararibonye bumva ntawe ugomba kubangamira urukundo rwabo, kandi ko nta kigomba kwitambika mu rukundo rwabo. Niba harigeze kubaho ingingo ikeneye kurebwaho mu nguni zose, ni iyi ngingo [yo gushyingirwa]. Kwifashisha ubunararibonye abandi bagize ndetse no kugenzurana ubushishozi n'ubwitonzi iyo ngingo ku mpande zombi ni ibintu by'ingenzi cyane. Ni ingingo ifatwa mu buryo bworoheje cyane n'imbaga nya mwinshi y'abantu. Basore ncuti zanjye, musabe inama Imana ndetse n'ababyeyi banyu bubaha Imana, kandi mubisengere.

Iyaba abana barushagaho kwisanzura ku babyeyi babo, iyaba babizeraga kandi bakababwira ibibashimisha n'imibabaro yabo, bashoboraga kwirinda ibintu byishi byo kubabaza umutima biri mbere. Igihe bahangayikishijwe no kumenya igitunganye bakwiriye gukora, nimutyo icyo kibazo bagishyire imbere y'ababyeyi babo nk'uko bakibona, maze babagishe inama. Ni bantu ki bari mu mwanya mwiza wo kubereka akaga kabo baruta ababyeyi bubaha Imana? Ni nde wundi ushobora gusobanukwa neza imico yabo yihariye nk'uko biri kuri abo babyeyi? Abana b'Abakristo, urukundo bakunda ababyeyi babo bubaha Imana ndetse no kwemerwa na bo bazabiha agaciro kurenza imigisha yose yo mu isi. Ababyeyi bashobora kwifatanya n'abana babo, bakabasengera kandi bagafatanya no gusenga kugira kugra ngo ngo Imana izabarinde kandi ibayobore.

Iyi baruwa yibanda ku gitekerezo cy'inshingano ababyeyi bafite. Biragaragara neza ko Hans agerageza kwigarurira uwo mukobwa, nubwo ababyeyi b'umukobwa bamurwanya cyane, kandi akaba atitaye na busa ku byiyumviro by'abo babyeyi. Iki kibazo gituma hibazwa niba ababyeyi bagomba kwitabwaho mu gihe cyo guhitamo umufasha. Mbese bigenda bite nyuma yo gushyingirwa mu gihe bameranye batyo? Ellen White avuga kuri izo ingaruka zikwirye kuzirikanwa.

I Geneve mu Busuwisi,

Ku wa 16 Ukuboza, 1885

Kuri Hans nkunda:

Nzi neza ko wifuje kumenya umwanzuro wanjye ku birebana n'ibibazo biguhangayikishije ku byerekeranye no kuba gushyingiranwa n'umukobwa wa mwene data Maya [Meyer]. Numva ko se w'uwo ukunda adashaka ko umukobwa we afatana nawe ngo mubane. Nubwo numva nkugiriye impuhwe rwose, ku bwo gutenguhwa kwawe, navuga nti: "Ni nde ushobora gukunda umwana we kurusha se na nyina be bwite?"

Ukuri nyako ko kwihuta kwawe kuri icyo kibazo urwanya ibyifuzo by'ababyeyi, ni igihamba kigaragaza ko Umwuka w'Imana adafite umwanya wa mbere mu mutima wawe kandi ngo abe ari we ugenga imibereho yawe. Ufite ubushake bukomeye, n'ukwiyemeza kutavuguruzwa byo gukora ikintu icyo ari cyo cyose wiyemeje.

Mbese aho musaza wanjye azasuzuma umwuka we kandi agenzure impamvu imutera gukora ngo maze arebe niba arangamiye gusa gukora ibintu byose kuri iyi ngingo agamije gusha Imana icyubahiro? Neretswe ibibazo by'abantu benshi bo mu Busuwisi bari bahugiye cyane ku ku ngingo yerekeranye no gushyingiranwa, ku buryo bari baratumye intekerezo zabo zuzurwamo n'iyi ngingo ku buryo bari bari kwihindura ubwabo abadakwiriye gukora umurimo Imana yifuza ko bakora.

Hari umusore neretswe washakaga kuba umwe mu bagize umuryango w'umuvandimwe Maya [Meyer], ariko we akaba ataramwemeraga. Yari mu kigeragezo gikomeye kandi intekerezo ze zari zihangayitse cyane. Sinshobora kuvuga ko ibi bihura n'ibyawe. Uwo muvandimwe ntiyari akwiriye mu buryo ubwo ari bwo bwose gusohozwa inshingano z'umugabo cyangwa iz'umuryango, kandi iyo habaho uko kubana ubu baba bari mu gahinda.

None rero muvandimwe wanjye, inama nakugira ni uko waha Imana ibitekerezo byawe n'urukundo rwawe maze ukishyira ku gicaniro cy'Imana.

Hariho itegeko rya gatanu rigomba kubahirizwa. Iyaba iri tegeko ryubahirizwaga kuruta uko bimeze ubu, — Iyaba abana barumviye ababyeyi babo kandi bakabubaha, — mbega ukuntu haba haririnzwe imibabaro myinshi n'agahinda! Umwana udafite ubunararibonye ntashobora kumenya icyamugirira akamaro, no guhitamo mu buryo burimo ubwenge umufasha uzatuma ubuzima bwe buba bushimishije kandi burangwa n'umunezero; kandi gushyingirwa kutarimo umunezero ni yo makuba akomeye cyane ashobora kugwirira impande zombi.

Mbese aho musaza wanjye azasuzuma umutima we abiyitondeye kugira ngo arebe niba akunda Imana cyangwa atayikunda? Mbese aho azasobanukirwa ibiyumviro bihangayikishije mwene data Maya [Meyer] bitewe n'uko adashobora

kwemera ko yashyingiranwa n'umukobwa we? Iyaba mu by'ukuri warigiye mu ishuri rya Kristo, ukiga kwikorera umutwaro we, ukiga ibyerekeye ubugwaneza bwa Yesu no kwicisha bugufi mu mutima, ntiwari guhata ubushake n'ibyifuzo byawe ubudacogora.

Ntugatume uba umuntu udakwiriye ubitewe n'imbaraga ikomeye y'ubushake bwawe ngo ukunde usohoze ibyo wifuza mu buryo ubwo ari bwo bwose. Hagarikira aho ugeze maze wibaze uti: "Ni uwuhe mwuka unyobora?" Mbese ukundisha Imana umutima wawe wose? Mbese ukunda mugenzi wawe nkuko wikunda?

Inshingano y'ibanze umukobwa wa mwene data Meyer afite ni iyo kumvira ababyeyi be, akubaha se na nyina. Ibyo ashobora kubikora niba utazakomeza kumutesha umutwe cyane ku buryo atabasha gusohozza inshingano ze ku babyeyi be.

Umubyeyi w'umugore akeneye ubufasha bw'umwana we, kandi igihe azaba amaze gukura, azamenya neza uko yahitamo umugabo uzatuma ubuzima bwe bugenda neza kandi akagira ibyishimo. Umugore uzemera gutwazwa igitugu mu bintu byoroheje cyane byo mu buzima bwo mu rugo, uzemera kureka kuba uwo ari we, nta na rimwe azagira umumaro cyangwa ngo abe umugisha mu isi, kandi ntazigera akora ibihuje n'umugambi w'Imana wo kubaho kwe. Ni imashini gusa, igomba kuyoborwa n'ubushake bw'undi muntu n'ibitekerezo bye. Imana yahaye buri wese, yaba umugabo cyangwa umugore, ibimuranga, bituma aba umuntu wihariye. Bose bagomba gukora bubaha Imana ku giti cyabo.

Hariho imiryango myinshi itanezerewe. Mbese dushobora gutangazwa n'uko ababyeyi bagira amakenga kandi bakaba bashaka kurinda abana babo uguhuzwa uko ari ko kose gushobora kuba kudashingiye ku bwenge kandi kudakwiriye?

Yari mushiki wawe muri Kristo,

Ellen G. White

Ibaruwa ya 25, 1885.

Ntukabigire ibanga

Umusore wishimira kubana n'inkumi bakaba incuti ababyeyi b'uwo mukobwa batabizi ntabwo aba yitwaye nk'umukristo kuri uwo mukobwa ndetse no ku babyeyi be. Binyuze mu gushyikirana no kujya bahura kenshi mu ibanga, umusore ashobora kwigarurira intekerezo ze, ariko mu kugenza atyo ntabwo aba agaragaje ukwiyubaha n'ubunyangamugayo bwo mu mutima ubwo buri mwana w'Imana wese agomba kugira. Kugira ngo bagere ku migambi yabo, ibyo bakora ntibiba biri mu kuri cyangwo bibe biri ku mugaragaro kandi bihuje n'amahame ya Bibiliya, maze ku bw'ibyo bakagaragaza ko atari abanyakuri ku [babyeyi babo] babakunda ndetse bagerageza kubabera abarinzi b'indahemuka. Ugushyingiranwa kubayeho binyuze muri ubwo buryo, ntikuba kwemewe n'ijambo ry'Imana. Ushuka umukobwa akamuteshura inshingano ye, agatera urujijo ibitekerezo bye ku bigendanye n'amategeko y'Imana asobanutse neza kandi atunganye yo kumvira no kubaha ababyeyi be, bene uwo musore ntabwo ari we waba indahemuka ku nshingano zijyana no gushyingiranwa.

“Ntukibe” ni itegeko ryanditswe n'urutoki rw'Imana ubwayo ku bisate by'amabuye; nyamara mbega ukuntu ari kenshi habaho kwiba abantu mu byerekeye urukundo kandi bigatangirwa urwitwazo! Habaho ukureshyanya kuyobya, hagakomeza kubaho ibiganiro byo mu ibanga, kugeza ubwo urukundo n'amarangamutima by'umukobwa udafite ubunararibonye kandi utazi iyo biva n'iyi bijya, bitandukanywa n'ababyeyi be maze bikerekezwa ku muhungu ugaragarisha imigirire ye ko atari akwiriye kwegurirwa urukundo rw'uwo mukobwa. Bibiliya iciraho iteka imigirire yose y'uburiganya ahubwo igasaba gukora ibitunganye muri byose.

UMUGABANE WA 5: KWITEGEKA

Imbaraga iri muri Kristo ni yo ihesha kwitegeka

Abantu bose bazabazwa ibyo bakoze bari muri iyi isi mu igihe imbabazi zari zikikiriho. Bose babishatse, bafite ubushobozi bwo gutegeka ibikorwa byabo. Niba ari abanyanteye nke mu ngeso nziza no mu kwera kw'ibitekerezo no mu bikorwa, bashobora kubona ubufasha buturutse ku Ncuti y'abatagira gifasha. Yesu asobanukiwe neza n'intege zose za kamere muntu, kandi nitumuhendahenda azaduha imbaraga zo kunesha ibishuko bikomeye cyane. Abantu bose bashobora kubona izi mbaraga baramutse bazishatse bicishije bugufi.

“Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza Imana” [1Abakorinto 10:31]. Iri ni ihame rigomba kuba ku rufatiro rwa buri gikorwa cyose, buri gitekerezo na buri mpamvu yose itera gukora; ukwezwa kw'impagarike yose y'umuntu, umubiri n'itekerezo byombi, ku bwo kugengwa n'Umwuka w'Imana, mushobora gukora ibintu byose ku bwa Kristo ubaha imbaraga.

Mbere yuko uvuga uti: “Ndabyemeye”

Gushyingirwa imburagihe ntibikwiriye gushyigikirwa. Isano ikomeye cyane nk'iyi yo gushyingiranwa kandi igira ingaruka zigera kure cyane ntabwo ikwiriye kwinjirwamo ihubukiwe, ari nta myiteguro ihagije ibayeho, ndetse na mbere y'uko imbaraga z'ubwenge n'iz'umubiri ziba zikuze bihagije.

Gushyingiranwa kwagiye kubaho mu bwana kwagiye akenshi kubyara ingaruka y'imibanire y'ubuhanya cyangwa se hakabaho gutandukana gukojeje isoni. Kubana kwa babiri gukozwe bakiri bato, kandi kukabaho ababyeyi batabyemeye, ni gake cyane kwagiye kuzana umunezero. Nyuma y'aho ibitekerezo byabo bukuriye, babona ko basezeranye kubana ubuzima bwabo bwose, nyamara bishoboka ko batabanje kureba niba buri wese azatuma mugenzi yishima. Ubwo ni bwo aho kugira ngo bakore ibishoboka byose ngo banoze umubano wabo, habaho kwitana bamwana, ibyuhagati yabo bikarushaho kwaguka, kugeza ubwo buri wese aba atacyitaye kuri mugenzi we ndetse bagasuzugurana. Kuri bo, ijambo “umuryango” nta kintu cyera baribonamo. Umwuka wo mu muryango wabo wanduzwa n'amagambo atarangwamo urukundo ndetse no gushihurana.

Amasezerano Yishwe

Ndetse n'iyu waba waragiranye isezerano n'umuntu ariko ukaba utaramenya neza imico y'uwo mugiyeye kubana, ntugatekereze ko kuba mwaremeranije kubana bituma ugomba kurahira ko muzashyingiranwa maze ngo wihuze n'umuntu muzabana ubuzima bwawe bwose udashobora kumukunda kandi ngo umwubahe. Ujye witondera cyane uburyo winjira mu by'amasezerano n'undi muntu afite ikigombero; nyamara icyiza, kandi cyiza cyane kurutaho, wasesa ayo masezerano mbere yo gushyingirwa kuruta gutandukana na we mwaramaze kubana, nk'uko abantu benshi bajya babigenza.

Mariya Anne asa n'aho yibanda ku nyungu ze bwite kandi akagira amahane, buri gihe ntabwo agaragaza ubushishozi mu guhitamo incuti. Umusore muto w'amahitamo ye adasanzwe akomoka mu muryango ukomeye w'Abadiventisiti, nyamara ni umuntu udashishikazwa n'iby'idini, usuzugura itorero n'iby'umwuka. Ni umuriganya, akaba umuntu wishyira imbere, akigira uwo atari we, kugira ngo yigarurire umutima wa Mariya. Ellen White asuzuma ukuntu imishyikirano nk'iyu ishobora kugira ingaruka nk'iz'ubupfumu, maze abaza ibibazo bimwe na bimwe byibanda ku bintu by'ingenzi.

Essex Junction, Vermont

Ku wa 22 Kanama, 1875.

Ncuti ncunda Mariya Anne,

Hari ibintu neretswe bikwerekeye, ibyo ntatinyuka gukomeza kubika kubera ko niyumvamo ko uri mu kaga. Imana iragukunda kandi yaguhaye ibihamya bidashidikanywaho bigaragaza urukundo rwayo. Yesu yakuguze amaraso ye bwite, none se wowe ni iki wakoze ku bwe?

Urikunda, ukunda kwinezeza, ugakunda kugirana agakungu n'abasore, kandi ntuzi gutandukanya abakwiriye n'abadashobotse. Nta bunararibonye n'ubushishozi ufite, ndetse uri mu kaga ko gukora ibintu bizagaragara ko byose ari amafuti kandi bizatuma urimbuka. Ufite amarangamutima akomeye, ariko inararibonye ufite ishobora gutuma ushyira ayo marangamutima mu mwanya udakwiriye. Ukwiriye kuba maso kandi ntukurikize imyumvire yawe igoramye.

Mwana wanjye nkunda, tubayeho mu bihe by'akaga by'iminsi y'imperuka. Satani yifuza kwangiza intekerezo z'abakiri bato, akoresheje ibitekerezo n'amarangamatima y'urukundo, n'impuhwe [bipfuye] bibwira ko ari ari urukundo nyauri rutagomba kuvogerwa. Ibyo ni byo neretswe kuri wowe. Usobanukiwe gake cyane ukuntu ababyeyi bawe baguhangayikiye cyane n'imitwaro iremereye bikoreye kubera wowe.

Ntiwigeze wubaha so na nyoko nk'uko Imana ibigusaba. Icyaha cyiganje muri iki gihe ku bana ni icyo kuba "batumvira ababyeyi babo, indashima, batari abera, bakunda ibibanezeza kurenza uko bakunda Imana." Kandi kuba ibintu bimeze bityo, biri ku rugero ruhanitse bituma bihinduka ingingo y'ubuhanuzi nka kimwe mu bimenyetso by'uko turi gihe cy'iminsi y'imperuka.

Imana ifite ibyo igusaba. Yaguhaye umugisha wo kuba uriho kandi ufite amagara mazima ndetse iguha n'imbaraga z'ubushobozi no gutekereza kugira ngo ahari ubashe kubyongera, cyangwa se ukabyangiza ku rwego rukomeye ku bwo kureka izo mbaraga n'ubushobozi bw'intekerezo ngo bigengwe na Satani. Ufite inshingano zo gukoresha ubushobozi Imana yaguhaye.

Ku bwo gukoresha neza amahirwe ufite, ushobora kuba umuntu ukwiriye guhabwa umwanya wo kugira imbaraga ihindura abandi n'inshingano.

Mu iyerekwa mperutse kugira nabonye ko muri Battle Creek hari abasore benshi batubaha Imana, batagira icyo bitaho mu by'idini. Hari kandi n'irindi tsinda ry'abakobanyi. Mu baheruka harimo Arthur Jones. Yabaye umuntu wigomeka mu mibereho ye yose. Yasuzuguye se na nyina. Yirengagije amategeko y'umuryango kandi asuzugura ubutware bw'ababyeyi, maze arigomeka. Ntiyigeze yiyoroshya. Umwuka wo kwigomeka ni ikintu gisanzwe muri kamere ye nk'umwuka ahumeka. Ni umunyamahane imuhira, ntiyumvira, ni umuntu uhubuka, umwibone, indashima n'utejejwe. Umwuka nk'uwo ni wo uri gukuza

nawe. Uri kwemerera urukundo rwawe ko rukurikira uwo muhungu. Hagarara aho ugeze. Ntiwemere ko iyi ngingo ikomeza kujya mbere n'imtambwe imwe.

Neretswe ko yari umuntu unnyegaga iby'idini, akaba umuntu ubabaje mu kutizera kandi ushidikanya. Ibintu by'idini abigira imikino. Yigira mwiza inyuma kugira ngo akomeze kugushimisha, nyamara mu buzima bwe bwose yagiye yigomeka mu rugo kandi yigomeka no ku Mana.

Uko yaba avuga kose n'uko yaba akubeshya kose Imana imubona uko ari, kandi ndakugira inama yo kutagirira ibiyumviro by'urukundo uyu musore. Ca agakungu kandi uhagarike ibintu byose biguhuza n'uwo musore. Ntabwo akwiriye urukundo nawe. Ntazakubaha niba atumvira kandi ngo yubahe ababyeyi be.

Ntabwo ugomba kuba witeguye guha umwanya amarangamutima y'umutima wawe. Uracyari muto kandi ntacyo uzi. Nta gushidikanya uzashukwa, keretse gusa uramutse urushijeho kuba maso. Imana ifite imigambi kuri wowe, iyo Satani yifuza kugwabiza. Iyegurire Imana utizigamye, ushyikirane n'ijuru.

Ntukemere ko umusore utagira iby'idini, usuzugura ibyera, agutandukanya n'Umucunguzi wawe. Reka agakungu gasanzwe kari hagati yawe nawe. Ntugakurikize ibyifuzo byawe, ahubwo ujye ukurikira Umukiza wawe. Ubugingo buhoraho, mwana wanjye nkunda, shaka ubugingo buhoraho ku kiguzi cyose byagusaba. Ibi ntukabihare ku bwo kwishimisha, kugira ngo ukurikize ibiyumviro byawe, ahubwo wiyegurire Yesu, umukunde kandi ubereho kumuhesha icyubahiro.

Fata aya magambo yanditswe, uyashyire mu bikorwa maze Imana iguhundagazeho imigisha isaze. Jya wemera gucyaha nk'aho guturutse ku Mana, wemere inama uhabwa mu rukundo.

Imana yaguhaye amahirwe y'izahabu. Yabyaze umusaruro. Koresha uko ushoboye kose igihe ufite ubungubu. Erekeza umutima wawe ku gushaka Imana ushyizeho umwete. Icisha bugufi imbere yayo mu mutima wawe, kandi mu kwiyoroshya ko kwizera guciye bugufi, wikorere umusaraba wawe ufate n'inshingano zawe maze ukurikire uwo wahaweho icyitegerezo [ari we Yesu Kristo]. Ijuru rizakubera iry'igiciro kiboneye. Abantu bose bahitamo kugendera mu nzira yo kumvira bicishije bugufi, bazahabwa ubugingo bw'igiciro cyinshi bwo kudapfa.

Mbese uhereye ubu, ushobora guhindura imibereho yawe yose maze ugashaka kumenya ubushake bw'Imana ku bikwerekeyeho? Ntiwirengagize iki gihe cy'ihirwe, ahubwo bicyitwa none, shyira byose ku birenge bya Yesu maze umukorere n'urukundo rwawe rwose. Imana igufashe guca iminyururu Satani yashatse kukubohesha.

Mu rukundo rwinshi rutagira akagero.

Ellen G. White

Ibaruwa ya 30, 1875

Iyi baruwa irimo amwe mu magambo akomeye y'umuburo n'inama byatanzwe n'umuhanuzi w'Uwiteka dusanga muri iki gitabo. Elizabeti asa n'ufite ibibazo byinshi n'intege nke ku buryo ibye nta garuriro. Bwa mbere iyi baruwa yumvikana nk'ishoboraga gufatwa nk'urubanza rwa nyuma rwakaswe n'Imana, ariko hagati y'uko gucyaha kose, hari amagambo akurikira y'iremamutima;

“Ntabwo ibyawe mbifata nk'ibidafite igaruriro; iyaba ari ko nabifataga, ikaramu yanjye ntiyakabaye iri kwandika iyi mirongo.” Ellen White asoza asaba cyane Elizabeti ko yahinduka.

Ncuti nkunda Elizabeti,

Neretswe ko wari mu kaga ko kwigarurirwa burundu n'umwanzi ukomeye w'ubugingo. Wanze gutegekwa, wabaye umuntu w'intagondwa ufunga umutwe, utava ku izima, kandi udashobose maze ushyira ababyeyi bawe mu bibazo byinshi. Barafuditse. Mu bujiji bwe, So yakureze bajeyi. Wuririye kuri ibyo maze uhinduka umushukanyi. Wagiye ushimirwa ibyo utari ukwiriye gushimirwa.

Ku ishuri wari ufite umwigisha mwiza kandi w'imfura, nyamara wumvaga utishimye kuko wagiraga ibyo ubuzwa. Watekerezaga ko ubwo uri umukobwa w'Umukuru Kole [Cole], umwigisha wawe yagombaga kukurutisha abandi kandi ntagire umudendeze wo kuguhana no kugucyaha. Igihe wari ku ishuri, rimwe na rimwe watezaga ingorane, wari umunyagasuzuguro kandi ukanduranya, ndetse wari ubuze cyane kwiyoroshya n'imyifatire ikwiriye mu mibanire yawe n'abandi. Washiraga amanga, ukikunda, ukishyira hejuru, kandi wari ukeneye uburere budakebakeba haba mu rugo ndetse no ku ishuri.

Wakiriye ibitekerezo bipfuye ku bijyanye no guhurira hamwe kw'abakobwa n'abahungu, kandi nyine byahuzaga n'intekerezo zawe kuba mu kigare cy'abahungu. Ntabwo mu mutima wawe no mu bwenge hatunganye. Wangijwe no gusoma inkuru z'urukundo, n'inkuru mpimbano zivuga iby'inkundo, maze intekerezo zawe zitwarwa n'ibitekerezo byanduye. Imitekerereze yawe yarangiritse, kugeza ubwo uba usa n'udafite imbaraga zo gutegeka ibitekerezo byawe. Satani akuyobora uko yishakiye nk'imbohe ye.

Imyifatire yawe ntiyabaye iyo kwirinda ibyonona, ngo irangwe no kwiyoroshya, cyangwa ngo ibe ikwiriye. Imbere yawe ntabwo wari ufite kubaha Imana. Mukobwa wanjye nkunda, nudahagararira aho ugeze, nta gushidikanya kurimbuka kuri imbere yawe. Hagarika kurota ku manywa y'ihangu, kandi

uhagarike kwibwira ibidashoboka. Buza ibitekerezo byawe kwirukira mu nzira y'ubugoryi no kononekara.

Niba wirundurira mu gutekereza ibintu bitagira umumaro, ukemerera ubwenge bwawe gutekereza ibintu bibi, imbere y'Imana uba ukoze icyaha nk'aho bya bitekerezo byawe byashyizwe mu bikorwa. Ibibuza igikorwa kubaho gusa ni ukubura uburyo n'umwanya.

Uzaba ugomba kuba umurinzi w'indahemuka wo kurinda maso yawe, amatwi yawe n'ibyumviro byawe byose, niba ushaka kuyobara intekerezo zawe no kwirinda ibitekerezo by'amanjwe kandi byononekaye, ngo bitanduzza ubugingo bwawe.

Ibyo umuntu yibwira bigomba gutegekwa mu buryo bwiza kandi budacogora, niba ibyo umuntu ararikiye n'amarangamutima biva ku gutekereza neza, kumvira umutimanama ndetse n'imico. Uri mu kaga, kuko ugeze ku rwego rwo gutambira inyungu z'iteka ryose ku rutambiro rwo gutwarwa n'irari. Irari riragenda ryigarurira ubugingo bwawe bwose—Urarikiye ibintu by'agaciro ki? ni ibifite agaciro ko hasi, kandi birimbura.

Ndakurarikira guhagararira aho ugeze. Ntiwongere gutera indi ntambwe mu butangondwa bwawe, no mu buhehesi bwawe; kuko imbere yawe hari akaga n'urupfu. Nutitegeka mu byerekeye ibyo urarikira n'amarangamutima yawe, byanze bikunze uzatuma abagukikije bese bakugiraho isura mbi, kandi uzateza imico yawe igisuzugururo kizakubaho ubuzima bwawe bwose.

Ntabwo ibyawe mbifata nk'ibidafite igaruriro; iyaba nabifataga ntyo, ikaramu yanjye ntiba irimo kwandika iyi mirongo. Mu mbaraga z'Imana, ushobora gucungura igihe cyashize. Ndetse na n'ubu ushobora kugira imico mbonera y'agahebuzo ku buryo izina ryawe rimenyekanira ku bintu bitunganye kandi byera. Ushobora kuzamurwa [ugashyirwa hejuru]. Imana yaguteganyirije ubufasha bwa ngombwa.

Witekerezagaho cyane, ugatekereza ku kugaragara neza cyane kwawe, ku buryo byakugejeje ku kwifata uko utari no gukora ibitagira umumaro ku buryo wendaga kuba nk'umupfapfa. Ufite akarimi gashukana, wakunze gukoresha mu kuvuga ibintu uko bitari no kuvuga ibinyoma. Oh! mukobwa wanjye nkunda, iyaba washoboraga gukanguka gusa, iyaba umutimanama wawe uhunikiriye kandi uguye ikinya washoboraga gukangurwa, maze ukimenyereza gutekereza ko uri kumwe n'Imana, kandi ukumvira ubuyobozi bw'umutimanama ufite umucyo kandi uri maso; wanezerwa wowe ubwawe kandi ukabera umugisha ababyeyi bawe, bafite imitima ikomerekejwe nawe muri iki gihe. Ushobora kuba igikoresho kizana gukiranuka mu bo mubana. Ukeneye guhinduka byuzuye, kandi igihe cyose utarahinduka, uri mu kaga gashaririye no mu bubata bwo gukiranirwa.

Kura mu mutwe w'umukobwa nkawe ibitekerezo byo gushyingirwa. Ibi ntibikureba na gato. Uracyakeneye indi myaka y'ubunararibonye mbere yuko uba umuntu ukwiriye gusobanukirwa iby'inshingano no kwishyiraho imitwaro yo mu mibereho y'abantu bubatse.

Ushobora guhinduka umukobwa witonda, wiyoroshya kandi w'umunyangeso nziza, nyamara ntushobora kubigeraho udakoresheje imbaraga zidacogora. Ugomba kuba maso, ugomba gusenga, ugomba gutekereza ku by'Imana, ugomba kugenzura impamvu zigutera gukora ukagenzura n'ibikorwa byawe. Sesengura witonze amarangamutima yawe ndetse n'ibikorwa byawe. Mbese ushobora gukorera mu maso ya so ibikorwa byanduye? Mu by'ukuri, ntabwo wabikora. Nyamara ibyo ubikorera imbere ya So wo mu ijuru, ufite icyubahiro giheranije, akaba yera cyane kandi atunganye cyane. Ni byo koko, umubiri wawe uwononera imbere y'abamarayika bera kandi batacumuye, ndetse n'imbere ya Kristo; kandi ibyo ukomeza kubikora utitaye ku cyo umutimanama ukubwira, ndetse utanitaye no ku mucyo n'imiburo wahawe.

Iyegurire Kristo utazuyaje; ni we wenyine, ushobora kugucungura akagukiza kurimbuka, akoresheje imbaraga y'ubuntu bwe. Ni we wenyine ushobora kuzahura imbaraga zawe mu by'imico n'ubwenge zikaba nzima. Umutima wawe ushobora kongera gususurutsa n'urukundo rw'Imana; ubwenge bwawe bugatungana kandi bugakura; umutimanama wawe ukabona umucyo, ugakanguka kandi ukera, ubushake bwawe bukabonera kandi bukezwa; bukemera kuyoborwa n'Umwuka w'Imana. Ushobora kwihindura icyo uhisemo kuba cyo. Niba ugomba kugera ku bitunganye, hagarika gukora nabi maze wige gukora neza, ubwo ni bwo uzanezerwa rwo; uzahirwa mu ntambara zo mu buzima, maze uzazamurwe mu bwiza n'icyubahiro mu buzima burushije ubu kuba bwiza. "Uyu muni itoranyirize uwo uzakorera."

Ibaruwa iri mu Bihamya by'Itorero, vol 2, p.558 –565. [Mu gitabo cy'icyongereza]

Ntugatwarwe n’Imigirire y’Ab’Isi

Abadashaka kugwa mu mutego w’uburiganya bwa Satani, bagomba kurinda mu buryo bwose inzira z’ijya mu bugingo; bagomba kwirinda gusoma, kureba cyangwa kumva ibyabatera kugira intekerezo zanduye. Ibitekerezo ntabwo bigomba kurekwa ngo bitinde ku ngingo iyo ari yose umwanzi w’abantu ashobora kubishyira imbere. Umutima ugomba kurindanwa ubudahumuka, nibitaba bityo ibibi bivuye hanze bizabyutsa ibibi biri imbere, maze umutima uzarindagirire mu mwijima.

Kugira ngo abantu babe abanyabwenge bafite ubwenge bukomoka ku Mana, bagomba guhinduka abapfapfa mu bijyanye n’ubumenyi bwuzuye icyaha buranga abo muri iki gihe. Bakwiriye gufunga amaso yabo kugira ngo batareba kandi bakiga ikibi. Bakwiriye gufunga amatwi yabo kugira ngo batumva ikibi, kandi batakira ubumenyi bushobora kwanduza gutungana kw’ibitekerezo n’ibikorwa byabo. Kandi bakwiriye kurinda indimi zabo kugira ngo batavuga amagambo mabi y’amanjwe kandi ngo ibinyoma bibe byaboneka mu minwa yabo.

Dutegetswe kubamba kamere n’irari n’iruba byayo. Mbese tuzabigenza dute? Mbese tuzababaza imibiri yacu? Oya! Ahubwo tuzica ibishuko bitujyana ku cyaha. Igitekerezo kibi gikwiriye kwirukanwa. Ibitekerezo byacu byose bikwiriye kwigarurirwa na Yesu Kristo bikaba imbohe ze. Irari ryose rya kinyamaswa rikwiriye kugengwa n’imbaraga zo ku rwego rwo hejuru z’ubugingo. Urukundo rw’Imana rugomba kwimikwa mu mitima yacu; kandi Kristo agomba guhabwa intebe y’ubwami itagabaniye [mu mitama yacu]. Imibiri yacu ikwiriye gufatwa nk’imitungo ye yiguriye. Ingingo z’umubiri wacu zikwiriye guhinduka ibikoresho byo gukiranuka.

Amashusho y’Urukuzasoni [Poronogarafi] n’Intekerezo Zawe

Benshi mu basore bashishikariye gusoma ibitabo. Basoma ikintu cyose bashoboye kubona. Inkuru zivuga iby’urukundo rukangura amarangamutima hamwe n’amafoto ahumanye bifite imbaraga zonona. Ibitabo by’inkuru ndende z’impimbano bisomwa na benshi cyane, maze nk’ingaruka yabyo, imitekerereze yabo igahumana. Amashusho y’abantu b’igitsinagore bambaye ubusa inshuro nyinshi aba acicikana agurishwa.

Iki ni igihe kononekara kuri kugenda kuba gikwira ahantu hose. Irari ry’amaso no kwifuza kubi bibyutswa n’ibyo abantu bareba n’ibyo basoma. Umutima uhumanywa binyuriye mu byo umuntu atekereza. Intekerezo zishimira gutinda ku bintu bikangura kwifuza kw’agaciro gake kandi bihenebereza. Ayo mashusho ateye ishozi, abantu bareba bafite intekerezo zanduye, yangiza imico mbonera kandi agategura abantu bayobejwe kandi bamaze gutwarwa nayo maze bakugururira amarembo ibyifuzo bibi byo kurarikira.

Mwirinde gusoma no kureba ibintu bizabatera ibitekerezo bibi. Mubungabunge imbaraga z'imico-mbonera n'iz'ubwenge. Ntimukemere ko izo mbaraga z'ikirenga zicogozwa kandi ngo zangizwe no gusoma ibitabo byinshi by'inkuru.

Satani yamanutse afite imbaraga nyinshi zo gukora ubushukanyi bwe. Atinza ubwenge cyangwa ibitekerezo ku bintu byanduye, binyuranyije n'amategeko. Abakristo bahinduka nka Kristo mu mico ku bwo kurebera ku Cyitegererezo mvajuru. Ikintu cyose bahura nacyo kigira imbaraga ihindura ku mibereho yabo no ku mico yabo. Nasomye inkuru y'umunyabugeni usiga amarangi utarigeraga na rimwe areba ishusho idatunganye, kugira ngo idahumanya imirebere ye n'ibitekerezo bye. Ibyo twemererea kugumishaho amaso kenshi, maze akaba ari byo dutekereza cyane, bitwinjiramo ku rugero runaka.

UMUGABANE WA 6: INSHINGANO KU BIREBANA N'IMYITWARIRE NDANGAGITSINA

Inshingano Abasore b'Abakristo Bafite Ku Byerekeye Imyitwarire Ndangagitsina

Kwegurira Imana imbaraga zacu zose byoroshya ikibazo cy'ubuzima mu buryo bukomeye. Uku kwiyegurira Imana guca intege kandi kugahindura ubusa intambara igihumbi urwana n'irari ry'umutima wa kamere.

Irari rya gisore rikwiriye gukumirwa, kugeza ubwo igihe kizagera ubwo bazaba bafite imyaka y'ubukure n'ubunararibonye buhagije bizatuma kubana kwabo kuba kubashywe kandi kurinzwe ku buryo nta gishobora kubatandukanya.

Basore ncuti, umwanya muto mumara mubiba imbuto mbi, uzatanga umusaruro uzatuma ubuzima bwanyu bwose buhora bushaririwe. Isaha imwe mumara mu bitekereo by'ubupfapfa, igihe mwishoye mu gishuko, ishobora guhindura ubuzima bwanyu bw'uyu muni ikabujyana mu cyerekezo kibi. Kuba umusore bibaho igihe kimwe gusa, bityo rero mugikoreshe neza. Nuba wamaze kurenga iki cyiciro, ntushobora na rimwe kugaruka inyuma ngo ukosore amakosa wakoze. Uwanga kwifatanya n'Imana, akijyana mu nzira y'ibigeragezo, nta kabuza amaherezo azagwa. Imana irimo kugerageza buri musore wese.

Kwiyandarika ni icyaha cyiganje muri iki gihe. Ariko idini ya Yesu Kristo izafata imirongo yo kugenzura ubwoko bwose bw'umudendeze utemewe n'amategeko: imbaraga z'imicombonera ni zo zizagenzura ibitekerezo, amagambo n'ibikorwa byose. Ibinyoma ntibizaboneka mu kanwa k'Umukristo nyakuri. Nta gitekerezo cyanduye kizimakazwa, nta jambo rizavugwa ryerekeza ku busambanyi, nta n'igikorwa na kimwe gisa n'ikibi kizakorwa.

Ntukagerageze kureba uburyo wagendera ahegereye imanga cyane, ngo wibwire ko uzaba amahoro. Irinde intambwe ya mbere watera wegera ahari akaga. Inyungu z'iby'ubugingo ntizikwiriye gukinishwa. Imico yawe ni cyo gishoro cyawe. Ujye uyirinda uyisigasire nk'uko wagenza ubutunzi bw'izahabu. Ubutungane mu mico mbonera no kwiyubaha, ari byo mbaraga ikomeye ibashisha gutsinda, bigomba kwitabwaho mu buryo buhamye kandi buhoraho.

Buri kwifuza kose kutera kugomba gutegekwa n'imitekerereze yejeje binyuze mu buntu Imana yatanze ku bwinshi kugira ngo butabare mu gihe byihutirwa. Ariko ntihakagire na kimwe gikorwa cyatuma ingorane zaduka, nimutyo he kubaho igikorwa kigambiriwe cyatuma umuntu yibona asakiranye n'ibishuko cyangwa kigaha abandi urwaho n'ubwo rwaba ruto rwo kumutekerezaho ko yakoze icyaha cy'uburangazi n'ubuhubutsi.

Igihe cyose tuzaba tukiriho, tuzasabwa kurindisha urukundo n'irari ryacu umugambi uhamye. Hari ukononekara kw'imbere, hari n'ibishuko byo hanze, kandi ahantu hose umurimo w'Imana uzaba ujya mbere, Satani atondekanya neza inkomyi n'inzitizi ku buryo ibishuko bizabiranya umutima bifite imbaraga idasanzwe. Nta kanya na gato twaba mu mutekano keretse gusa twishingikirije ku Mana, ubugingo bwacu bukaba buhishanywe na Kristo mu Mana.

Bigaragara ko William yatwawe uruhu n'uruhande cyane na Carol. Muri uru rukurikane rw'amabaruwa tubona ukuntu Ellen White yakomeje gushyiramo umuhati kugira ngo amugereho. Carol yemeye kugirana na we ubucuti bwaje gusa naho bwigaruriye intekerezo za buri wese muri bo mu buryo bwuzuye. Barenze cyane imipaka y'ibikwiriye kandi by'icyubahiro, ndetse ubu bakora ibikorwa by'imbitse, ibyo Ellen White nk'uko abivuga, byakagombye guharirwa abashakanye.

Iyo mishyikirano ishyira mu kaga ukuba ingirakamaro kwa William na Carol bombi ko mu gihe kizaza. Ellen White abasaba ko batandukana, cyangwa bagashyingiranwa, kugira ngo batangiza amazina yabo, kandi ngo bigire n'ingaruka ku buhamya bwabo nk'Abakristo.

Ibaruwa No. 1 Ballardvale, ho muri Mass,
Kanama, 1879.

Ncuti nkunda William:

Njya mu ihema ryanjye umutima ubabaye, kugira ngo mpembure intekerezo zanjye binyuze mu kukwandikira ibintu bimwe neretswe mu iyerekwa.

Uwiteka yakweretse ko kuba waragiranye ubucuti na Carol bitari bigamije mu buryo ubwo ari bwo bwose kugufasha kugira imyifatire myiza cyangwa kukongerera imbaraga mu bya mwuka. Wagerageje gahoro kwivana mu bucuti wari ufitanye na we, ariko nyuma y'igihe gito wongeye kumukunda, rimwe na rimwe arakwiyegereza, maze nawe ugatwarwa.

Mumara amasaha menshi muri kuganira nijoro kuko mwembi mwatwawe n'urukundo. Avuga ko agukunda, ariko ntazi urukundo rutunganye rw'umutima udafite uburyarya.

Nabonye ko uri umuntu watwawe, wariganyijwe, kandi Satani yishimira cyane ko umuntu udafite imico yatuma aba umugore mwiza, ngo agire n'urugo rwiza, yagira imbaraga igutandukanya na mama wawe ugukunda mu buryo buzira amakemwa. Mu izina ry'Uwiteka reka gucudika na Carol cyangwa se ushyingiranwe na we — ntugatere umurimo w'Imana igisuzuguriro.

Wakurikije inzira yawe bwite utitaye ku ngaruka zizavamo. Umutima wawe wigometse kuri nyoko kuko atashoboraga mu buryo ubwo ari bwo bwose kwakira Carol cyangwa kwemera ko mugirana ubucuti.

Gukundana na Carol kwawe ntibyigeze bigutera kwegera Uwiteka cyangwa ku kwejeshwa ukuri. Uri gushyira mu kaga inyungu zawe z'iteka ryose mu kuba uri kumwe n'uwo mukobwa.

Carol yiteze ko muzabana akaramata kandi wamuteye umwete wo kwitega ibyo binyuze mu kumwitaho. Umunezero wawe wo muri ubu buzima no mu buzima buzaza uri mu kaga. Wakurikiye uguhendahenda kwe k'uburiganya n'ubupfapfa, n'ibitekerezo byawe bwite bitigeze bituma uba Umukristo ushikanye cyangwa ngo ube umwana w'indahemuka kandi wubaha. Niba ibimuranga ari byo bigushimisha cyane kurenza ibindi, niba yujuje ibisabwa ku mugore ushobora guhagarara ku ruhembe rw'imbere rw'umuryango wawe; iyaba mu bushishozi bwawe butuje ushingiyeye mu mucyo wahawe n'Imana, urugero rwe rukwiriye gukurikizwa, wagombye kumurongora mukabana, kandi mukagirirana nk'uko umugabo n'umugore gusa ari bo babigirirana.

Ibikorwa byanyu n'amagambo yanyu bibabaza Imana. Abamarayika b'Imana bandika ibyo muvuga n'ibyo mukora. Mwahawe umucyo ariko ntimwawumviye. Uburyo mwitwaye ni igitutsi ku murimo w'Imana. Imyitwarire yanyu si iyo

kwifuzwa kandi si iya Gikristo. Igihe cyabyo cyari kuba ubwo mwembi mwari kuba muri mu buriri bwanyu, mukamara hafi ijoro ryose mupfumbatanye.

Mbese ibitekerezo byanyu byaba byararushijeho gutungana, bikarushaho kwera, bikarushaho kuzamurwa kandi bikabonezwa? Mbese mwigeze musobanukirwa neza n'inshingano—yo gukunda Imana n'ukuri urukundo ruheranije?

Incuti yanyu,

Ellen G. White

Ibaruwa No. 2 Ku wa 12 Mutarama, 1880

Ncuti nkunda William:

Muri iki gitondo nabyutse kare. Umutima wanjye ntutuje ku byerekeye wowe. Ibyawe narabyeretswe. Igitabo cyo mu ijuru cyandikwamo ibikorwa bya buri muni cyarabumbuwe maze nsomamo iby'imibereho yawe.

Wicuza cyane ko wiyiringiye kandi ugakurikiza ubwenge bwawe bwite, ukanga ijwi ry'Imana, ugasuzugura imiburo n'inama by'abagaragu bayo, kandi ukagendera mu nzira zawe bwite ziganisha ku rupfu udacogora kandi udatezuka, ari nazo zatumye inzira y'ukuri ivugwa nabi, kandi ubugingo bwa benshi bwarazimiye nyamara bwarashoboraga kuba bwarakijijwe binyuze mu kuba igikoresho kwawe.

Hari ibintu byinshi nshobora kuvuga kuri wowe, ariko ibi birahagije kuri ubu. Numvise nezerewe cyane igihe navaga mu iyerekwa maze ngasanga atari biri muri ako kanya, ko ahubwo igihe cy'imbabazi cyari kikiriho. None rero ubungubu ndakurarikira kwihutira no kureka gukina n'ibintu by'iteka ryose.

Wibwira ko uri inyangamugayo, nyamara siko biri. Wari warabaye kandi n'ubu uracyifatanyinirije mu minyururu hamwe na Carol bitewe n'imyifatire yawe bwite izagushyira mu bubata bukomeye cyane. Wateye umugongo ijwi ry'Imana, wumvira ijwi rya Satani. Ukora nk'umuntu utagira ubwenge, kandi ubwo ukabiterwa n'iki? Umukobwa utagira amahame amugenga, utagira n'ikintu na kimwe cy'igikundiro mu mico ye, w'umwibone, w'umunyagasuzuguro, uzi kwaya, utariyeguriye Imana, utagira kwihangana, utwarwa n'amarangamutima. Ariko uramutse witandukanyije na we burundu, ashobora kugira amahirwe yo kwireba [akimenya] maze agacishiriza bugufi umutima we imbere y'Imana.

Buri gihe biba biteye impungenge mu buzima bw'umusore iyo yitandukanyije n'imbaraga ihindura yo mu rugo [iwabo] hamwe n'inama zitanganywe ubwenge, maze akajya mu bintu atamenyereye no mu bigeragezo bikomeye. Naramuka yisanze mu kaga atari ku bushake bwe kandi atabihisemo, maze akishingikiriza ku Mana kugira ngo imuhe imbaraga—akagira urukundo rw'Imana mu mutima we—azarindwa n'imbaraga y'Imana gutsindwa n'ibishuko yo izaba yamushyize muri uwo mwanya wo kugeragezwa.

Mbega itandukaniro riri hagati y'ibyabaye kuri Yosefu n'ibiba ku basore bashyira imbaraga mu kujya ku kibuga cy'umwanzi, maze bakishyira mu maboko y'ibitero bikaze bya Satani!

Uwiteka yahiriye Yosefu, ariko muri uko kugubwa neza haza amakuba akomeye cyane. Umugore wa shebuja yari umugore wiyandarika, washakaga kwerekeza intambwe za Yosefu muri gehinomu. Mbese Yosefu yari kwemera gushukwa

n'uwu mugore w'imico yangiritse [w'umusambanyi], maze agateshuka zahabu y'imico mbonera ye? Mbese yazirikanaga ko ijisho ry'Imana riri kuri we?

Ibigeragezo bike [byo mu buryo busanzwe] ni byo bibera abasore kimbuzi cyangwa bikabahitana ubugereraniye n'ikigeragezo kiganisha ku busambambi kandi nibabiha urwaho nta numwe uzakira ukwangirika k'umutima n'umubiri muri iki gihe ndetse n'iteka ryose. Ukugubwa neza kw'imibereho ye yose y'ahazaza ya [kwa Yosefu] kwatutse ku mwanzuro yafashe icyo gihe. Yosefu yaratuje yerekeza amaso ye mu ijuru kugira ngo rimuhe ubufasha, yiyambura umwiteho we, awusiga mu biganza by'uwaru uje kumushuka, mu gihe amaso ye yari amurikiwe n'umwanzuro udakebakeba mu cyimbo cyo kugira iruba ryanduye, yaravuze ati: "Nabasha nte gukora icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?" Insinzi yarabonetse, ahunga umushukanyi we, arakizwa.

Wagize amahirwe yo kugaragaza niba idini yawe ari iy'ukuri gushyizwe mu bikorwa. Wagize ubwibone bwinshi mu maso y'Imana n'abamarayika bera, ibyo utakorera gukorera mu maso y'abantu bagenzi bawe. Idini y'ukuri icengera mu bitekerezo by'ubwenge, rikinjira mu bitekerezo byose by'ibanga byo mu mutima, rikinjira mu mpamvu zose zidutera kigira icyo dukora, rikinjira mu ntego n'icyerekezo cy'amarangamutima y'urukundo, no mu mibereho yacu yose. "Ni wowe Mana indeba", ni wowe uzarinda ijamba wavuze, ube umurinzi w'ubugingo. Ushobora kujyana aya masomo i muhira. Ukeneye kubyiga, kandi Imana ibigufashemo.

Ellen G. White.

Ibaruwa No. 3 Hornellsville, New York
Ku wa 09 Nzeri, 1880

Ncuti nkunda William:

Ndumva nshimishijwe cyane n'uko iri rarika riheruka ritazafatwa mu buryo butitaweho nk'uko byagenze ku yabanje. Nutumvira iri ngiri, nta rindi rarika uzagira ni ryo rya nyuma.

Ubu hasigaye kureba niba uzajya mu gakungu nk'uko wagenje, cyangwa niba nyuma yo kwatura [icyaha] Carol azakora nk'ibyo yakoraga. Neretswe ko imigirire ye yari iteye itya: yagushimagizaga ku mugaragaro hanyuma akireherezaho amarangamutima yawe mu buryo buyakangura cyane mu nyandiko no mu biganiri. Wongeye kumwegera kugira ngo umugaragarize impuhwe no kumutera ubutwari, kandi wari ufite intege nke cyane, amaso yawe yari yarahumye burundu ku buryo wongeye gushyirwa mu mutego ukomeye cyane kuruta mbere hose.

Nakweretswe uri kurambagizanya na we mu masaha y'ijoro, uzi neza uburyo ayo masaha mwayakoresheje. Warampamagaye ngo nkubwire niba warishe amategeko y'Imana. Reka nkubaze, mbese ntabwo wayishe? Igihe cyanyu mwagikoresheje mute, ubwo mwamaramanaga amasaha y'ijoro rigasimburwa n'irindi? Mbese umwanya wari urimo, imyifatire yawe n'ibiyumvo byawe, byaba ari ibintu wakwifuzaga ko byose byandikwa mu gitabo cyo mu ijuru? Nabonye kandi numva ibintu bishobora gutera abamarayika agahinda.

Nta musore wagombye gukora nk'ibyo wakoze kuri Carol, keretse babaye barashyiranywe; kandi natangajwe cyane no kubona ko utari witaye cyane kuri iki kibazo. Nkwandikiye kugira ngo ngusabe ku bw'ubugingo bwawe ngo ureke gukomeza gukina n'ibishuko. Kora uko ushoboye kose kugira ngo uhagarike ayo magambo y'imitongerero ameze nk'inzozi ziteye ubwoba ziguhagaritse umutima. Itandukanye nabyo none n'iteka ryose, niba hari ineza wifuza kugirirwa n'Imana.

Imigirire imeze nk'uko wagenje yari ihagije kugira ngo irimbure icyizere wari ufitiwe cyo kuba uri umuntu w'inyangamugayo n'umukristo, kandi iyo utaza kuba uri mu bubata bw'imbaraga za Satani ziroga, ntiwari gukora nk'ibyo wakoze. Ariko ubu ndashidikanya niba uzakubura inyifato yawe. Nzi imbaraga igushyiraho uburozi bwayo, kandi ndashaka ko ubibona kandi ukabyumva mbere yuko bitinda cyane. Mbese ubu ugiye guhinduka burundu, uhagarike imishyikirano yose ugirana na Carol? Mbese aho na we azagira atyo ku ruhande rwe? Niba nta n'umwe muri mwe ukoze ibi [ngo muhagirike ibibahuza byose], shyingiranwa na we, mureke kwitukisha ubwanyu ngo munatukishe n'umurimo w'Imana.

Mu buryo bugaragara waratsinzwe mu bintu hafi ya byose. None rero mu gihe gisigaye cy'ubuzima bwawe, shaka uko wagarura ibyo watakaje. Nimureke igitabo

cyo mu ijuru cyandikwamo ibyo abantu bakora, cyandikwemo iby'imigirire yanyu bitandukanye n'ibyo mwakoze.

Imana ibahe umugisha.

Ellen G. White

Ibaruwa No. 4 Nzeri, 1880

Ncuti nkunda William:

Nejejwe no kwakira ibaruwa iguturutseho kandi nejejwe no gusoma ibitekerezo watanze bigaragaza ko wifuzaga kuguma aho uri kugeza igihe uzagaragariza ko uri umuntu ushoboye cyangwa uhinyuza impinduka wagize ku bandi. Nshimishijwe n'uko uri kwiyumva gutyo. Nk'uko uzabibona, nanditse mu buryo bwumvikana neza kandi busobanutse nk'uko nabyeretswe, kandi ku bwo kuba nitaye ku bugingo bwawe ni byo byanteye kuvuga ibyawe nk'uko nabyeretswe, kuko ari kamwe mu kaga gakomeye. Bizakugora kubibona ko ari gutyo bimeze, nyamara mu nzozi zo mu ijoro ryakeye, wabwiraga mama wawe uti: niba koko uko ari ko bimeze, nta mpamvu yo kugerageza kuko nshobora gutsindwa.

Narakubwiye nti: William, nugerageza ufite kwihangana kose n'ubushake budakebakeba kugira ngo usubire mu nzira wanyuzemo kandi ukire umutego wa Satani, uzava mu bubata urimo ube umuntu w'umudendezo. Bizagusaba kugira ubushake bukomeye mu mbaraga za Yesu, kugira ngo utandukane n'imbaraga z'ibyo wimenyereje, wirukane umwanzi w'imitima wamaze igihe kirekire cyane wishimira. Hindura abashyitsi [wakira], maze wakire Yesu, kugira ngo yigarurire urusengero rw'umutima wawe. Ariko kandi, ntabwo agabana umutima na satani. Ndetse yewe n'ubu muri aka gaha ka nyuma, ushobora gukoresha umuhati udatebakeba, atari mu mbaraga zawe, ahubwo mu mbaraga za Yesu.

Reka umutima wawe ushenjagurikire imbere y'Imana maze wature ibyaha byawe kandi ureke ibyo bintu byagutandukanyije n'Imana. Uwo ni wo murimo wo kwihana ugomba gutangirara kuri mama wawe. Ntuzigera uza mu mucyo kereka nugenza utyo. Ntukabure gukora ikintu icyo ari cyo cyose ushobora gukora kugira ngo ukosore amakosa wakoze, kuko ubu uri mu kaga.

Uzagira ibigeragezo, uhamye ko uri uw'Imana. Nubivamo uri nk'izahabu nziza, ni bwo Imana izagukoresha. Ntukabe umuntu utizera, ahubwo ube uwizera. Ibigeregezo byawe ntabwo bizaba ari ibyo kuguha umuzero wo muri iki gihe, ahubwo bizakubabaza, ariko hanyuma bizera imbuto z'amahoro zo gukiranuka. "Kuko uwo Uwiteka akunze ari we ahana, Kandi akubita ibiboko abo yemera bose ko ari abana be." Nimwihanganira ibihano, muba mugaragaje ko muri abana b'Imana. Mbese ni mwana ki udahanwa na se?" (Abaheburayo 12:6,7).

Ubu noneho intambwe zawe zigomba kuba hasi cyane mu kibaya cyo gucishwa bugufi. Wumvise uburyo umusozi wanjye ari ukuri. Nshobora kwituriza. Ariko ibyo wahuye nabyo mu gihe cyahise n'umwanya urimo muri iki gihe, ni byo byakagombye gutuma usobanukirwa neza n'uburyo umuntu yasigingiye bitewe n'uko yitandukanyije n'Imana.

None rero muhungu wanjye nkunda, ku bwa Kristo ntukongere kugira ubundi buriganya ujyamo mu byo ukora. Jya ukora nk'ukorera iby'iteka ryose. Reka ibyo

wibwira, ahubwo ureke umutima wawe umenekere imbere y’Imana, kugira ngo rya buye ritazakugwira rikaguhindura ifu.

Ni ikihe kirenze ibi nakubwira? Ubu se mvuge iki? Ndashaka ko ukizwa. Ndashaka ko uhagarara imbere y’Imana ukiranuka.

Uwawe ugukunda,

Ellen G. White.

Ibaruwa ya 50, 1880

Gukinisha imitima

Gukinisha imitima ni icyaha gikomeye cyane mu maso y’Imana yera. Nyamara hari abasore benshi bazagaragariza abakobwa ko bababengutswe maze bakangure amarangamutima yabo y’urukundo, nibarangiza bifatire indi nzira maze bibagirwe iby’amagambo yose bavuze n’ingaruka zayo. Babona indi sura nshya [y’umukobwa] ikabakurura, maze bakamusubiriramo amagambo nk’ayo babwiye uwabanje, ndetse bakamwerekezaho umutima nk’uko babigenje ku kuri uwo wundi.

Iyo mico izigaragariza ubwayo mu mibereho yabo baramaze no gushyingirwa. Iteka gushyingiranwa ntibizatuma umuntu ufite intekerezo zijahagurika atuzana ngo ashikame, ngo bitume ujyanwa hirya no hino ashikama kandi ngo abe umunyakuri ku mahame. Bananirwa gushyitsa imitima hamwe, kandi ibitekerezo bibi bikigaragariza mu bikorwa byabo bibi.

Abagore bo muri iki gihe, baba ari abashyingiwe n’abatarashyingirwa akenshi ntibifata ngo bitware uko bikwiriye. Bireherezaho abasore batarashaka n’abagabo bubatse, kandi abanyanteye nke mu micombonera yabo bazafatwa muri uwo mutego. Ibitekerezo birakangurwa nyamara bitajyaga gukanguka iyo umugore aba yabaye mu mwanya we akitwara neza mu buryo bwose kandi yirinda.

Ku bwo kuba abantu bigengesera, bifata, batigira ibyigenge kandi batemera kwitabwaho mu buryo butemewe, ahubwo bagakomera mu mico mbonera ihanitse no kwihesha agaciro, hari ibibi byinshi byakirindwa.

Akenshi usanga abagore ari bo bashukanyi. Kubera impamvu imwe cyangwa se iyindi, bireherezaho abagabo, baba abubatse cyangwa se ingaragu, bityo bakabakurura kugeza ubwo bishe itegeko ry’Imana, kugeza ubwo kandi barimbura ukuba ingirakamaro kwabo, kandi ubugingo bwabo bukajya mu kaga.

Mbese abagore bavuga ko bizera ukuri bazirinda ubwabo badakebakeba kugira ngo batazaha urwanaho na gato imishyikirano idasobanutse? Nibaba maso bakirinda badakebakeba ibihe byose kandi bakagira imico ikwiriye, bashobora gukinga imiryango myinshi ibishuko binyuramo,

Janet ni umuntu uhubuka, kandi ari mu kaga ko gufata imyanzuro izagira ingaruka mbi ku mibereho ye bwite no ku buhamya atanga ku bandi. Ellen White amushishikariza gushyira ishuri ku mwanya wa mbere, bityo agategurira ubuzima bwe kubera Uwitwaga ingirakamaro.

Janet yamaze igihe runaka akorera mu rugo rwa Ellen White, ku bw’ibyo rero bari baziranye neza.

Hastings, ho muri New Zealand

Ku wa 13 Nzeri, 1893

Ncuti nkunda Janet,

Nakanguwe kare muri iki gitondo ku isaha ya saa cyenda. Nari mfitanye nawe ikiganiro gikomeye muri iryo joro, maze ndavuga nti, “Janet, Imana igufitiye umurimo ugomba gukora.” Nari ndimo nkwereka akaga karanze imibereho yaawe y’ahahise.

Numvise mfite umutwaro wo kurinda ubugingo bwawe. Uri mu kaga ko gukora amakosa akomeye ku bwo gukurikiza ibyo wiyumvamo. Imana yagukijije kugirana isano yo gushyingiranwa n’abantu batagamije kukuzanira ibyishimo mu buryo ubwo ari bwo bwose, kandi bari barononekaye mu mico, kandi bashoboraga kukubohera mu mutego wa Satani, aho washoboraga kuba wababara muri ubu buzima kandi ugashyira n’ubugingo bwawe mu kaga. Mbese amasomo yo mu gihe cyahise ntaguhagije? Ufite umudendezo usesuye mu byerekeranye n’amarangamutima yawe y’urukundo, kandi uramutse uhawe uburenganzira bwo kwihitiramo icyo wakora, wakora ikosa rikomeye mu buzima bwawe bwose. Ntukigurishe muri birahendutse.

Ukwiriye kwitonda kandi ntube indangare mu byerekeranye n’abo ushyikirana na bo. Kugira ngo usohoze uruhare rwawe mu murimo w’Imana, ugomba kujya mbere mu gukoresha ubwenge mu buryo bushoboka byose. Kugira ngo ube umukozi w’Imana by’ukuri, ukeneye gukuza ubushobozi bwo gutekereza bufite imbaraga, ukagira ubuntu, ukaba umukristo ndetse ugakura mu nguni zose.

Ugomba kuzirikana buri ntambwe yose utera, uzirikana ko utari uwawe bwite, ahubwo ko waguzwe igiciro. Ibi mbikwandikiye ubu, kandi nzongera kukwandikira bidatinze, kuko nk’uko amakosa yo mu mibereho yawe y’ahashize yanshyizwe imbere, sinatinyuka kugusaba cyane ko wakwihambira ku kwiboneza ingeso.

Ubu uri mu buzima bw’ubunyeshuri, reka intekerezo zawe zibande ku by’umwuka. Utandukane n’ibishagarira by’amarangamutima byose mu mibereho yawe. Ubu uri mu gihe cyo kurema imico; nta kintu na kimwe cyawe kigomba gufatwa nk’aho ntacyo kivuze cyangwa ko nta gaciro gifite, nyamara gishobora kuzagutandukanya n’nyungu zawe zo mu rwego rwo hejuru kandi zera cyane, n’ubushobozi bwawe mu kwitegura gukora umurimo Imana yagushinze.

Ni inshingano yawe gukuraho ibintu byose bigayitse mu mico yawe, kugira ngo ube ushyitse muri Kristo Yesu. Ufite amarangamutima menshi kandi akeneye kurindwa mu buryo buhoraho kugira ngo utayakoresha ku bintu bidafite agaciro. Imico iremerwa kugira ngo umuntu abe ingirakamaro kandi asohoze inshingano ye binyuze mu kwiga imibereho n’imico ya Yesu Kristo, we cyitegerereze cyacu.

Ntabwo ushobora kugira amakenga kandi wite ku bidasanze mu nzira zawe zose. Reka imbaraga yawe ihindura abandi aho waba uri hose ibe ari imico

izafasha kandi igahesha abandi umugisha. Imana igufitiye umurimo ugomba gukora. Ntuzigere na rimwe wishyira mu kaga kazasharirira imibereho yawe yose. Wibere umunyakuri kandi unabere Imana umunyakuri, ni bwo uzagira ubutoni ku Mana, bufite agaciro karuta ubuzima ubwabwo. Ndasaba Uwitaka ngo aguhundagazeho imigisha.

Ellen G. White

Ibaruwa ya 23, 1893.

UMUGABANE WA 7: IGICUCU HEJURU Y'ICYARI

Igicucu hejuru y'icyari

Umutima wifuza cyane gukundwa n'abantu, nyaramara uru rukundo [rw'umuntu] ntiruba rukomeye bihagije, ntiruba ruboneye bihagije, cyangwa ngo rube ari urw'agaciro gahagije ku buryo rwaziba icyuho cy'urukundo rwa Yesu. Mu Mukiza we honyine, ni ho umugore ashobora kubonera ubwenge, imbaraga n'ubuntu byo kumubashisha guhangana n'ibihagarika umutima, gusohoza inshingano no kwihanganira imibabaro byo muri ubu buzima. Reka umugore abanze kwiyegurira Kristo mbere yuko yiha incuti iyo ariyo yose yo ku isi, kandi ye kugira ubucuti yinjiramo buzabibangimira.

Abashaka kugira umunezero nyakuri bagomba kugira umugisha w'Imana ku bintu byose batunze no ku byo bakora byose. Kutubaha Imana ni byo byuzuzwa amakuba n'ibyago mu mitima y'abantu benshi no mu ngo nyinshi. Muvandimwe wanjye, niba udashaka kuzagira urugo ruhora rucuze umwijima, ntukifatanye n'umwanzi w'Imana.

Kwifatanya n'utizera ni ukwishyira ku kibuga cya Satani. Utera agahinda Umwuka w'Imana, kandi ukivutsa uburuzi bwe. Mbese ushobora kwihanganira kugira ibintu nk'ibi biteye ubwoba bikurwanya mu ntambara yo kurwanira ubugingo buhoraho?

“Kandi ndakubwira yuko ababiri muri mwe nibahuza umutima mu isi wo kugira icyo basaba cyose bazagikorera na Data wo mu ijuru.” Ariko mbega uburyo ibigaragara bitangaje! Igihe umwe muri abo bombi bashyingiranywe aba ahugiye mu kwiga ijambo ry'Imana, undi we aba ari ntacyo yitayeho; igihe umwe aba ari gushakisha inzira imuganisha ku bugingo buhoraho, undi we aba ari mu nzira ngari igana ku rupfu.

Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?

Neretswe iby'abantu bamwe bavugaga ko bizera ukuri, ariko bakaba barakoze ikosa rikomeye ryo gushyingirana n'abatizera. Bari bafite ibyiringiro by'uko abatizera bari kwemera ukuri, ariko nyuma yo kugera cyo bifuzaga, barushaho kuva mu kuri kuruta mbere. Hanyuma hatangira ibikorwa bikomeye, n'imihati idadogora y'umwanzi, kugira ngo atume n'uwizera ava mu kwizera.

Abantu benshi ubu ngubu barimo baratakaza ubushake bwabo n'icyizere bari bafitiye ukuri, bitewe n'uko batangiye kugirana imishyikirano ya bugufi n'abantu batizera. Bahumeka umwuka wo gushidikanya, umwuka wo guhangana n'uw'ubuhem. Babona kandi bakumva abantu batizera, maze amaherezo bakabyishimira. Hari bamwe bashobora bagira ubutwari bwo kurwanya iyo

mbaraga igamije kubahindura, ariko inshuro nyinshi ukwizera kwabo kugira intege mu buryo butagaragara maze amaherezo kukazimangatana.

Satani azi neza ko isaha ihamya gushyingiranwa kw'abasore n'inkumi benshi aba ari ryo herezo ry'amateka y'imibereho yabo mu by'idini no mu kuba ingirakamaro. Baba baciye ukubiri na Kristo. Bashobora kumara igihe gito bagira umwete wo kurangwa n'imibereho ya Gikristo, ariko uguhatana kose bagira, gukorwa barwanywa n'imbaraga itanyeganyezwa ihanganye nabo mu rundi ruhande. Mu gihe kimwe byigeze kuba ari amahirwe n'umuzero wabo kuvuga ibyo kwizera n'ibyiringiro byobo, ariko ubu noneho nta bushake na buke baba bafite bwo kugira icyo bavuga kuri icyo ngingo, kubera ko baba baziko uwo basezeranye kubana by'iteka adashobora kubwitaho. Ingaruka zikurikiraho ni uko kwizera ukuri kw'agaciro kenshi bari bafite mu mitima kubakamukamo, maze Satani akabazingira mu rushundura rwo gushidikanya.

Uwizera muri bo atekereza ko mu isano nshya agomba kugira ibyo areka kugira ngo ahuze na mugenzi we yahisemo. Ugusabana n'ibinezeza by'ab'isi bihabwa intebe. Mu mizo ya mbere, aba yumva atabyiyumvamo ku rwego rukomeye, ariko gukunda ukuri bikagenda bigabanuka buhoro buhoro, maze kwizera yari afite kugasimburwa no gushidikanya no kutizera.

Ni iki Umukristo wese akwiriye gukora igihe yisanze mu mwanya w'ikigeragezo gisuzuma ko ihame ry'iby'idini agenderaho ari ihame rizima? Afite gushikama gukwiriye kwiganwa n'abandi, akwiriye kuvuga yeruye ati: 'Ndi Umukristo mu buryo bwuzuye. Nizera ko umunsi wa karindwi w'icyumweru ari wo Sabato ya Bibiliya. Ukwizera kwacu n'amahame yacu ndabona bituganisha mu cyerekezo gihabanye. Ntibishoboka ko twagira umunezero tubana, kubera ko ninkomeza kurushaho kunguka ubwenge butunganye bwo gusobanukirwa ubushake bw'Imana, ni ko nzarushaho kugenda ntandukana no gusa n'abantu b'isi. Niba ukomeje kutabona ubwiza bwa Kristo bureshya, kandi ukaba utareshywa n'ukuri, uzakunda iby'isi, kandi njye sinshobora kubikunda kuko nkunda iby'Imana, kandi nawe ukaba udashobora kubikunda.

Ntabwo uzanezerwa, ahubwo uzagira ishyari kubera urukundo nkunda Imana, kandi ubwo nyine nzaba ndi njyenyine mu byerekeye imyizerere yanjye y'iby'idini. Igihe uzakubura imyumvire, igihe umutima wawe uzakubura gukurikiza ibyo Imana isaba, maze ukiga gukunda Umukiza wanjye, ubwo ni bwo noneho tuziyunga tuvugurure umubano wacu.

Uko ni ko umuntu wizera agira icyo yigomwa ku bwa Kristo kandi umutimanama we ukaba ucyemera, kandi bikaba byerekana ko aha agaciro gakomeye cyane ubugingo buhoraho ku buryo adashobora kwishyira mu kaga kazatuma abubura. Yumva ko byarushaho kumubera byiza gukomeza kubaho atarashatse aho guhuza inyungu ze z'ubugingo n'umuntu uhitamo iby'isi akabirutisha Yesu.

Mbese umuntu ushaka ubwiza, icyubahiro, ukudapfa n'ubugingo buhoraho, yagirana ubumwe n'undi muntu wanga kuba umwe mu basirikare b'umugaraba

wa Kristo? Mbese wowe uvuga ko wahisemo Kristo ngo akubere Shobuja no kumwumvira muri byose, uzunga ubumwe n’umuntu uyoborwa n’ubutware bw’umwijima? “Mbese abantu babiri bajyana batasezeranye?”

Abantu amagana menshi baretse Kristo n’ijuru biturutse ku gushyingiranwa n’abantu batahindutse. Mbese bishoboka ko urukundo bakundaga Kristo no gusabana na we byagira agaciro gake ku buryo bahitamo kugirana ubucuti n’abantu bo ku rwego rwo hasi bapfa?

Ibaruwa yandikiwe Roza yibanda ku kibazo gishobora kuba giteje akaga gakomeye cyane ku bakobwa b’inkumi—ni ukuvuga ikibazo cyo gushakana n’utizera. Iki kibazo mu by’ukuri ni kimwe mu bibazo by’ingutu bibangamiye cyane umunezero w’urushako rw’abakristo.

Icyo Ellen White yibandaho kuri Roza, ni ikintu buri mukobwa wese ashobora gutekerezaho mu buryo bukomeye cyane — “kudategera amatwi amasezerano”. Ibyerekeranye n’iterambere ry’iby’umwuka ni byiza ko bikemurwa mbere yo gushyingirwa, aho kuba nyuma yaho. Nk’uko byavuzwe muri iyi baruwa—ni “Ikibazo Iyerekeranye n’Ubugingo cyangwa Urupfu.”

Copenhagen, Denmark
Ku wa 3 Kamena 1887

Ncuti yanjye Roza:

Numvise ko ugiye gushyingiranwa n'umuntu utizera. Sinshoboye kukwandikira ibaruwa ndede, ariko ndakubwira ko nutera iyo ntambwe, uzaba witandukanyije n'ibyamba ry'Imana risaba bisobanutse neza, kandi ko udashobora kwitega cyangwa ngusabe ko Imana iha umugisha uwo mubano. Amasezerano yose y'Imana agira icyo asaba kugira ngo asozwe kandi icyo ni ukuyumvira.

Satani aba yiteguye gushuka intekerezo n'ubugingo kugira ngo bikore ibinyuranye mu buryo bwahuranyije n'ibyavuzwe bihujye n'ubusheke bw'Imana, kugira ngo ashobore gutandukanya umuntu n'Imana, ndetse akoresha ibishuko bye kugira ngo yigarurire ubwenge n'amararangamutima y'urukundo by'umutima. Uyu ni umugambi wa Satani wizwe neza kugira ngo ateshure abantu ku nama z'Ishoborabyose, ahubwo bakurikize [inama] bemejwe n'abantu badakunda Imana kandi ntibanakunde n'ukuri.

Imana yaguhaye umugisha wo kugira umucyo mwinshi, kandi Uwiteka yiteze ko wiga ukamenya ubusheke bwayo, kugira ngo ukurikize neza witonze amabwiriza uhabwa mu ijamba ryayo. Urayobejwe, kandi uri kugushwa mu mutego uzatuma urimbuka. Ufite impamvu zo gushimira Imana buri saha. Ishingikirize ku Mana, yo nyiri ubwenge butanga inama mu Ijamba ryayo ryera. Yita ku bana bayo kuruta mubyeyi wese wuje urukundo. Imana ibonera iherezo mu itangiriro, kandi ku bw'iyi mpamvu, yadusigiye amasezerano n'imbuzi, kandi yabujije abana bayo gukurikira imigirire iyo ari yo yose ibazanira kurimbuka.

Intumwa Pawulo atanga amagambo y'umuburo ku byerekeranye n'ibyamba muri iki gihe. "Ntimwifatanye n'abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanye bite? Cyangwa umucyo n'umwijima byabana bite? Kandi Kristo ahuriye he na Beliyali, cyangwa uwizera n'utizera bafatanye mugabane ki? Mbese urusengero rw'Imana rwahuza rute n'ibishushanyo bisengwa, ko turi urusengero rw'Imana ihoraho? Nk'uko Imana yabivuze iti "Nzatura muri bo ngendere muri bo, Nzaba Imana yabo na bo bazaba ubwoko bwanjye. Nuko muve hagati ya ba bandi, mwitandukanye ni ko Uwiteka avuga, kandi ntimugakore ku kintu gihumanye. Nanjye nzabakira, kandi nzababera So, Namwe muzambere abahungu n'abakobwa, ni ko Uwiteka Ushoborabyose avuga." (2Abakorinto 6:14-18.)

Uwiteka yabujije ubwoko bwe mu buryo bweruye gushyingiranwa n'abatizera. Imana izi icyazanira inyungu y'iteka ryose ubugingo bw'umuntu ndetse n'ibyamba byo muri iki gihe. Ndakuburira ngo uve ku rubuga rwabuzanyijwe.

Nshobora kukubwira ibibazo bitandukanye hano Imana yanyeretse i Burayi, by'abantu bakoze ikosa rimeze nk'iryo urimo urakora ubu ngubu, ni ukuvuga imibereho ibabaje bari guhura nayo yo kuba barashyingiranywe n'abatizera, bakaba barakumiriwe mu gukuza amajyambere yose y'iby'umwuka, nubwo bari barasezeranye mu buryo bukomeye ko mu buryo ubwo ari bwo bwose batazababangamira mu by'idini byabo. None se ayo masezerano afite gaciro ki? Amasezerano y'agaciro kenshi yarishwe! None se bishoboka bite ko abo bombi bakorera abatware batandukanye, umwe akaba arwanywa undi mu buryo bukomeye? None se ubwo, ubwo bwumvikane bunejeje buba buri hehe?

Roza, witondere intambwe zawe, ntiwite ku masezerano, wizere Ijambo ry'Imana gusa ryo rizaguhindura umunyabwenge buzakugeza agakiza. Ntukiringire umutima wawe, kuko umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ufite indwara ntiwizere gukira. Nkunda ubugingo bwawe kuko waguzwe amaraso ya Yesu Kristo. Yatanze ikiguzi gishimishije kugira ngo agucungure, kandi ntabwo uri uwawe bwite ngo witware uko wumva bikubereye byiza. Mu gihe cy'urubanza ugomba kuzasobanura uko wakoresheje imbaraga wahawe n'Imana.

Ibyo bintu bisaba ko ubitekerezaho witonze kandi ugakora mu buryo budakebakeba ibihuje n'amabwiriza asobanutse neza ari mu Ijambo ry'Imana. Iki ni gihe cyawe cyo guhura n'ibishuko, iki ni igihe cyawe cyo kugeragezwa, mbese uzarwanywa umwanzi? Cyangwa uzishyira mu mwanya uzatuma akoresha imbaraga ze kuri wowe?

Kuri wowe, iki ni ikibazo cy'urupfu cyangwa ubugingo, Uwiteka agufashe kubona umutego wa Satani no kuwirinda, kandi [agufashe] komatana na Yesu hamwe n'umutima wawe n'ubugingo n'ubwenge bwawe n'imbaraga zawe.

Ellen G. White
Ibaruwa ya 1, 1887

Iyi baruwa yandikiwe Lora [Laura] yibanda ku kibazo cyo gushyingiranwa n'umuntu utizera, nk'uko ibaruwa iyibanziriza yandikiwe Roza nayo yabivugagaho. Umuhanuzi yamubajije ibindi bibazo by'ingenzi. Mbese iyo uza kuba uri mu mwanya wa Lora wari kubisubiza ute?

Mu gihe usoma iyi baruwa, hari ibindi bibazo bishobora kubazwa umukobwa wese wifuza gushyingirwa muri ubwo buryo. Mbese uri inyangamugayo kandi uraboneye ku musore wifuza ko mwashyingiranwa?

Muri iyi baruwa yasohotse mu Bihamya by'Itorero, umuzingo wa 5, Ellen White asobanura ko umuntu utizera aba ari "umuntu utarakira ukuri kw'iki gihe.

St. Helena, California

Ku wa 13. Gashyantare, 1885.

Ncuti nkunda Lora:

Namenye ibyo umugambi ufite wo gushyingiranwa n'umuntu mudahuje kwizera kandi ndatinya y'uko utagenzuranye ubushishozi iyi ngingo ikomeye. Mbere yo gutera intambwe izagira ingaruka ku mibereho yawe yose yo mu gihe kizaza, ndagusaba gusuzumana iyi ngingo ubushishizi kandi usenga. Mbese aho iyo sano nshya winjiyemo izaba isoko y'umunezero nyakuri? Mbese izagufasha mu mibereho yawe ya Gikristo? Mbese iyo sano izashimisha Imana? Mbese urugero utanze ruratekanye ku buryo n'abandi barukurikiza?

Umugore wese, mbere y'uko afatana n'umugabo mu biganza ngo bashyingiranywe, akwiriye kubaza niba umugabo agaiye kuzafatanywa nawe ubuzima bwe bwose ari umuntu mwiza ukwiriye. Ni ibiki byaranze amateka ye yo gihe cyashize? Mbese urukundo rwe rurabonye? Mbese urukundo agaragaza rushingiye ku mico itunganye kandi ishyizwe hejuru, cyangwa rushigiye ku gusamara by'amarangamutima gusa? Agira imico izatuma umugore we anezerwa? Mbese umugore abasha kubonera amahoro nyakuri n'umunezero mu rukundo amukunda? Mbese azemererwa kuba umuntu witekerereza ku giti cye cyangwa ubwenge bwe n'umutimanama we bizagengwa n'umugabo we? Nk'umwigishwa wa Kristo, umugore ntabwo ari we ubwe; yaguzwe igiciro cyinshi. Mbese uwo mugore ashobora kwita ku byo Umukiza ashaka maze akaba ari byo arutisha ibindi? Mbese umubiri n'umutima, intekerezo n'imigambi, bizarindwa bibonere kandi bibe ibyera? Ibi bibazo bifite icyo bizamara cy'ingirakamaro cyane mu byerekeye imibereho myiza y'umugore wese ugiye mu byo gushyingiranwa.

Gahunda y'iby'idini irakenewe mu muryango. Ni yo yonyine ishobora gukumira amakosa ababaje cyane akunze gutuma imibereho y'urushako isharira. Aho Kristo aganje honyine ni ho hashobora kuba urukundo rwimbitse, urukundo nyakuri kandi ruzira ubwikanyize. Abamarayika b'Imana bazaba abashyitsi bo muri urwo rugo, kandi gusabana kwabo kwejejwe kuzeza icyumba cy'abashakanye.

Ndaguhendahendera gutekereza ku ntambwe ushaka gutera. Ibaze uti: "Mbese umugabo utizera ntazateshura ibitekerezo byanjye kuri Yesu? Akunda ibinezeza kurenza uko akunda Imana; mbese ubwo ntazanshora mu kwishimira ibimushimisha nawe?" Inzira igana ku bugingo buhoraho irahanamyeye kandi irimo imikuku. Ntukiyongerere indi mitwari yo gutinza urugendo rwawe.

Uwiteka yategetse Isiraheli ya kera kutazajya bashyingiranwa n'amahanga yari abazengurutse yasengaga ibigirwamana. [Uwiteka] yavuye impamvu. Mu kurebera kure ingaruka zizazanwa n'ubwo bwifatanye, Bwenge butagira iherezo yaravuze ati: "Kuko bahindura umuhungu wawe ntayoborwe nanjye, ahubwo agakorera izindi mana ibyo bigatuma wikongereza uburakari bw'Uwiteka,

akakurimbura vuba.” “Kuko uri ubwoko bwerejwe Uwiteka Imana yawe, kandi Uwiteka Imana yawe ikagutoraniriza mu mahanga yose yo mu isi kuba ubwoko yironkeye.” (Gutegeka kwa kabiri 7:4,6)

No mu isezerano rishya hari amabwiriza abuza Abakristo gushyingiranwa n’abatubaha Imana. “Ntimwifatanye n’abatizera mudahwanye. Mbese gukiranuka no gukiranirwa byafatanya bite? Cyangwa umucyo n’umwijima byabana bite?” (2Abakorinto 6:14)

Lora, mbese utinyutse kwirengagiza aya mabwiriza asobanutse neza kandi y’ingirakamaro? Nk’umwana w’Imana, umuyobohe w’ubwami bwa Kristo, waguzwe n’amaraso ye, ni gute ushobora kwifatanya n’umuntu utemera ibyo Kristo asaba? Ni nde utagengwa n’Umwuka we? Amategeko navuze hano si amagambo y’abantu, ahubwo ni ay’Imana. Nubwo uwo wahisemo ngo mushyingiranwe yari akwiriye mu bindi bintu byose (nubwo atari ko ameze); nyamara ntiyakiriye ukuri kw’iki gihe; ni umuntu utizera, kandi ubuzwa n’ijuru kwifatanya na we. Ntushobora gusuzugura iryo tegeko ry’Imana ngo ubure guhura n’akaga.

Ushobora kuvuga uti: “Ariko namaze kubimwemerera, none se nzivuguruzwe mbivemo? Ndagusuba nti: “Niba waratanze isezerano rinyuranyije n’Ibyanditswe Byera, kora uko ushoboye kose umuhakanire udatindiganije, kandi noneho wicishe bugufi imbere y’Imana, maze wihane ikosa wakoze ryo kugendera ku kibatsi cy’amarangamutima yawe yakuyoboye mu nzira yo gutanga amasezerano uhubutse. Mu rwego rwo kubaha Imana, ibyiza cyane ni ugusesa iryo sezerano, aho kurikomeza hanyuma rikazakubera intandaro yo gusuzugura Umuremyi wawe.

Mu Bakristo harimo ukwirengagiza gutangaje kandi guteye ubwoba, bakerensa inyigisho z’ijambo ry’Imana ku byerekeye gushyingiranwa kw’Abakristo n’abatizera. Abenshi mu bavuga ko bakunda Imana kandi bakanayubaha bahitamo kwerekera aho ibitekerezo byabo bibogamiye aho gukurikiza inama zatanzwe na Bwenge butagerwa. Ku bijyanye n’ikibazo gifitanye isano n’umunezero n’imibereho myiza bombi bazagira kuri iyi si no mu isi igiye kuza, usanga gushyira mu gaciro, gutekereza neza no kubaha Imana bishyirwa iruhande; maze imbaraga ibatwara buhumyi no gutsimbarara ku byemezo bipfuye bikemererwa kuba ari byo bibayobora.

Abagabo n’abagore, muri rusange usanga bashyira mu gaciro biziba amatwi ngo batumvira inama; bakomeza kwica amatwi ngo batumva kurarika no kwinginga kw’incuti zabo, abo basangiye isano y’umuryango ndetse n’abagaragu b’Imana. Kwigengesera bahamagarirwa n’imiburo bahabwa bifatwa ko ari ukwivanga mu buzima bwabo bwite; maze incuti yiringirwa bihagije ku buryo ishobora kubabwiza ukuri ibahana, bakayifata nk’umwanzi wabo.

Iyo bigenze bityo, biba bikozwe nk’uko Satani abyifuzaga. Satani aboha umutima w’umuntu, ugashukwashukwa maze ugatwarwa by’agahararo. Umutimanama

urazibukira maze imbaraga zo kwitegeka zikayoborwa n'irari; iriri ritejejwe rikaganza, maze byaratinze cyane; uwo muntu agakanguka ari mu makuba n'ububata. Ibi mvuga si ibintu by'ibihimbano binje mu mutwe, ahubwo ndi kuvuga ibintu bibaho. Ntabwo Imana yemera ugushyingiranwa yabuzanyije.

Guhera mu myaka myinshi ishize, nagiyeye nkomeza kwakira amabaruwa y'abantu batandukanye bagiyeye bagira urushako rubi rutanejeje, kandi inkuru zo kwivumbura kwabo nagiyeye nsoma zirahagije rwose ngo zinshengure umutima. Ntabwo ari ikintu cyoroshye kwanzura inama waha abo banyamahirwe make, cyangwa ngo ubone uburyo bwo kuborohera uwo mutwari ubaremereye; icyakora inararibonye yabo ibabajye ikwiriye kubera abandi akabarore.

Ufite inshingano yera cyane yo kudasuzugura cyangwa ngo umanure ukwizera kwawe kwera binyuze mu kwifatanya n'abandi b'Uwiteka. Niba uri gushukishwa kwirengagiza amabwiriza yo mu ijamba ry'Imana bitewe n'uko abandi babikoze, wibuke ko urugero utanga ruzabera abandi icyitegererezo. Abandi na bo bazakora nk'ibyo ukora, bityo ikibi kizakwirakwira.

Impamvu zikomeye cyane zidutera kuba indahemuka zashyizwe imbere yacu, nizo zituma tugira intego ihanitse cyane, kandi ni nazo zituma tubona ingororano zihebuje. Abakristo bakwiriye kuba abahagarariye Kristo, bakaba abahungu n'abakobwa b'Imana.

Imana igufashe guhangana n'icyo kigeragezo, kandi ukomeze kuba indahemuka. Omatana na Yesu ku bwo kwizera. Ntugatenguhe Umucunguzi wawe.

Ugukunda urukundo rwinshi

Ellen G. White

Ibaruwa iri mu Bihamya by'Itorero, vol 5, p.361–p.368.

Mbese Uzashyira mu Kaga Urushako Rwawe?

Umuntu utizera ashobora kugira imico itagira amakemwa, ariko kuba atarumviye ibyo Imana isaba, kandi akaba yarakerenseje agakiza gakomeye gatyo, iyo mpamvu iba ihagije ngo uko gushyingiranwa kwe kubaho.

Rimwe na rimwe habaho urwitwazo ko utari umwizera atagize icyo atwaye idini y'umuntu kandi ko yujuje ibisabwa byose umuntu yakwifuzaga k'uwo bazabana uretse ikintu kimwe gusa abura — “kuba atari umukristo”. Nubwo mu myumvire y'umwizera yabona neza ko kwifatanya mu buzima bwe bwose n'utizera bidakwiriye, nyamara usanga abantu icyenda mu icumi bakurikiza amarangamutima ya kamere. Kudohoka mu by'umwuka bitangira igihe bahaniye amasezerano yo gushyingiranwa bari ku ruhimbi; ubwuzu bw'iby'idini bugenda bukendera; bityo ibihome by'iby'umwuka bikagenda bisenyuka urukurikirane, kugeza ubwo bombi [umugabo n'umugore] bahagarara muni y'ibendera ry'umukara rya Satani. Ndetse no mu birori by'ubukwe usanga umwuka w'ab'isi waganje umutimanama, kwizera n'ukuri. Muri urwo rugo rushya, isaha yo gusenga ntiyubahirizwa. Umukwe n'umugeni buri wese aba yarahisemo mugenzi we, maze bakirukana Yesu.

Iyo bagitangira kubana, utizera ashobora kuterekana kurwanya mugenzi we muri iyo sano ikiri nshya bagiranye, aiko iyo hari ingingo y'ukuri kwa Bibiliya ivuzwe ngo bayiteho kandi bayiganireho, uwo mwanya amarangamutima ahita ahaguruka akavuga ati: “Wanshatse uzi uwo ndiwe, sinshaka umuntu untesha umutwe. Guhera uyu mwanya, byumvikane neza ko ikiganiro ku byerekeye ibitekerezo byawe wihariye kitazongera guhabwa umwanya.” Uwizera aramutse agaragaje gushikama kwihariye ku kwizera kwe uko ari ko kose, byagaragara nk'inabi agirira wa wundi udashimishwa n'imibereho ya Gikristo.

Nimutyo abagamije gushyingirwa bagenzure amarangamutima yose kandi bagenzure iterambere ryose ry'imico y'uwo batekereza gufatanywa na we mu buzima bwabo bwose. Nimutyo intambwe yose iganisha ku isezerano ryo gushyingirwa irangwe no kwicisha bugufi, kwiyoroshya, kuba umunyakuri, ndetse n'umugambi ukomeye wo kunezeza Imana no kuyubaha. Gushyingiranwa kugira icyo guhindura mu mibereho y'abashakanye haba muri iyi si ndetse no mu isi izaza. Umukristo nyakuri ntazigera agira imigambi Imana idashobora kwemera.

Uwasemuye iki gitabo mu Kinyarwanda:

NSHIMIYIMANA Aimable

E-mail: naiamable615@gmail.com

Tel: +250780801273

Abagize uruhare mu gukosora isemurwa n'imyandikire by'iki gitabo:

1. NIZEYIMANA Jean d'Amour [Hope]

E-mail: damourhope2@gmail.com

Tel: +250788271065 / +250722831234

2. MAAJABU ALLELUIA TITO

E-mail: maajabualleluiatit77@gmail.com

Tel: +250785943779 / +250728915675

Umuhuzabikorwa w'isemurwa n'ikosora by'iki gitabo:

MAAJABU ALLELUIA TITO

E-mail: maajabualleluiatit77@gmail.com

Tel: +250785943779 / +250728915675

SDA Ministries ireberera gusemurwa no gushyira ahabona iki gitabo:

Almost Home Ministries

E-mail: almosthome@rw.gmail.com

Tel: +250781036292